# IJURU RITO



## IBANGA RY'UMURYANGO UNEZEREWE



*Zacharie NSABIHORAHO*

# IJURU RITO

IBANGA RY'UMURYANGO UNEZEREWE

*Zacharie* NSABIHORAHO

IBIRIMO ipaji

ABO NTUYE IKI GITABO ........ 1
IBIRIMO ........ 3
IRIBULIRO ........ 7

**I. INKOMOKO Y'UMURYANGO ........ 10**

a) Zimwe mu mpamvu zatumye habaho umuryango ........ 10
b) Umuryango wa mbere kw'isi ........ 12
c) Abagize umuryango........ 13

**II. ISANO Y'UMUGABO N'UMUGORE ........ 20**

a) Ish na isha ........ 21
b) Barangana nyamara baratandukanye ........ 23
c) Urugo, ishuri ritarangira ........ 24
d) « Docteur » mu kubaka urugo ........ 26

**III. UMUGABO, UMUTWARE W'URUGO ........28**

INSHINGANO Z'UMUGABO
a. Umuyobozi w' urugo........ 30
b.Umuhuza w'ab'urugo ........ 33
c.Uwagura amarembo........ 33
d. Yobu, umugabo w'intangarugero ........ 36

**IV. UMUGORE, UMUTIMA W'URUGO........................................ 40**

INSHINGANO Z'UMUGORE

a. Kunganira umugabo we.............................................................. 41

b.Yahamagariwe umurimo wera......................................................... 44

c. Kurema no gutoza imico y'abana ................................................ 46

d.Vashiti Umubyeyi w'intwali ........................................................ 48

**V.ABANA, IMBUTO Z'URUKUNDO............................................ 52**

a. Umugisha ugendana n'inshingano................................................ 52

b. Icyo ubiba nicyo uzasarura......................................................... 54

c. Shaka umwanya wo kuganira n'umwana........................................ 57

d. Mu baba mu rugo ntawe umuruta................................................ 59

e. Ubuhamya bwa Elina White n'abana be.......................................... 60

**VI. ICYUMBA CY'ABASHAKANYE ............................................ 64**

a. Kweza icyumba cy'abashyingiranywe ........................................ 65

b. Ukuryamana kw'abashyingiranywe ............................................ 67

c. kwirinda gushayisha ................................................................. 69

d. Igihe umugore yemeye byose .................................................... 70

e. Guhitamo inzira y'imishyikirano ................................................ 71

**VII. MBESE KUBONEZA URUBYARO NI NGOMBWA ? ......... 76**

a) Icyo kuboneza urubyaro ari cyo :.............................................. 77

b) Imana, urugero rwiza rwo kuboneza urubyaro........................ 78
c) Uko ingabo za Satani ziboneka.............................................. 81
d. Nuvuga A jya uvuga na B..................................................... 82

**VIII. URWANGO SATANI YANGA UMURYANGO .................. 86**

a. Satani yanga yesu by'umwihariko ........................................ 87
b. Satani yanga umuryango ...................................................... 89
c. Kubaka urugo bisaba kwiyemeza .......................................... 90

**IX. ZIMWE MU MPAMVU ZISENYA UMURYANGO ................. 94**

a. Kutaganira n'uwo mwashakanye .......................................... 94
b. Iyo agashirira katazimijwe ..................................................... 97
c. Gucunga nabi umutungo w'urugo ......................................... 98
d. Impano cyangwa imfashanyo zitangwa zivuye mu rugo ......... 103
e. Kutavugisha ukuri ............................................................... 105
f. Kutita ku nda y'uwo mwashakanye......................................... 106
g. Ubwirasi no kwiyemera ....................................................... 109

**X. KWIBERA INKOKOKAZI MU MASAKE ..............................114**

a. Umucurabwenge Sokarate (Socrate) ..................................... 114
b. Umukurambere Aburahamu .................................................. 116
c. Umwami Yesu Kristo ............................................................ 118

**XI. NI NDE URENGERA UMUPFAKAZI ? ........................................ 126**

a. Umupfakazi urizwa n'akana ke kapfuye ........................................ 126

b. Umupfakazi wasigiwe umwêendâ n'umugabo we ........................ 126

c. Umupfakazi uri mu nkiko yabuze uwamurenganura ................ 128

d. Abapfakazi b'i Yopa barizwaga n'urupfu rwa Tabita.................. 128

e. Mbese umupfakazi ashobora kongera gushaka ? .................... 129

**XII. UMURYANGO W' IJURU RITO ............................................ 132**

A. Gahunda y'amasengesho ya nijoro ............................................ 132

a. Ibibera muri gahunda isanzwe ya nijoro .................................... 133

b. Ibibera muri gahunda idasanzwe ya nijoro................................ 136

B. Gahunda y'amasengesho ya mu gitondo.................................... 139

C. Gahunda y'amasengesho yo kumanywa...................................... 140

UMWANZURO .................................................................................. 143

IGISIGO ............................................................................................ 145

IBITABO BYA KORESHEJWE ........................................................ 147

## IRIBULIRO

Umuryango ushobora kuba ijuru rito riteguririwa kuzimuririwa mu ijuru rinini cyangwa se ukaba ka gihenomu gato (karara gashya bwacya kakazima) gateguririwa kuzajugunywa muri cya gihenomu kinini bityo abawugize bakazatwikanwa na Satani. Ni muri ubwo buryo umubano w'abagize umuryango werekana kimwe muri biriya byombi. Kugirango umuryango ube ijuru rito, ugomba kugendera kuri aya mahame atatu akubiye mu ijambo ry'icyongereza « Joy » aribyo kuvuga « umunezero »

**J** (Jesus) : Yesu mbere ya byose (Jesus au-dessus de tout)

**O** (Others) : Uwo mwashakanye mbere yawe (l'autre- moi au-dessus de vous)

**Y** (You) : Wowe ubwawe (vous-même)

Mu bashakanye, ntabwo umwe asabwa gukunda mugenzi we nk'uko yikunda, ahubwo buri wese asabwa gukunda mugenzi we kuruta uko yikunda. Buri wese mu bashakanye akwiye gutekereza ko icyiza cyose abonye gikwiriye uwo akunda atari we ubwe.

Igihe mu muryango wawe habuze umunezero, jya ureba neza niba ziriya nyuguti uko ari eshatu zikiri mu mwanya wazo. Akenshi uzasanga ingorane ituruka kuri wowe ahari bitewe

n'uko wikunda cyane ukaba waribagiwe ko iruhande rwawe hari « njyewe wa kabiri » uwo muhwanye wagombaga kwibuka bwa mbere wowe ukiherutsa.

Kuba urugo rutarimo ingorane, si byo byerekana urugo rurimo umunezero. Ahubwo kudashidikanya k'umugore n'umugabo ko umubano wabo utagira ikiwukoma mu nkokora, kandi ko abagize urwo rugo bashobora gufatanyiriza hamwe gushaka umuti w'ibibazo bahura nabyo, icyo nicyo kigaragaza urugo rurimo umunezero.

**Umwanditsi**

# *IGICE CYA 1*

# *INKOMOKO Y'UMURYANGO*

*Imana iravuga iti : « Si byiza ko uyu muntu aba wenyine reka muremere umufasha umukwiriye » (Itangiriro 2 :18)*

## I. INKOMOKO Y'UMURYANGO

Ubwenge bw'Imana ni bwo bwatekereje bwa mbere ko umuntu akwiye kugira umuryango. Si ikintu gitangaje rero kuba Imana yarifurije umuntu kugira umuryango kuko na yo ifite umuryango w'ijuru ibereye umuyobozi ugizwe Ubutatu bwera hamwe n'abamalayika.

Mu muryango w'ijuru nta yandi mazina adasanzwe abagize Ubutatu bwera bahisemo kwitwa keretse ayo dusanga mu miryango yahano ku isi. Umwe ya hisemo kwitwa « Imana-Data » aribyo bivuga Papa ; Undi ahitamo kwitwa « Imana-Mwana » aribyo bivuga « Umwana w'Imana » ; undi afata izina ry' « Imana-Mwuka Muziranenge ».

### a) Zimwe mu mpamvu zatumye habaho umuryango

Imana ihitiramo umuntu kugira umuryango :

- Kwari ukugira ngo umuntu agire umunezero wuzuye kuko ari kumwe n'uwo bahwanye kandi akunda ;
- Kwari ukugira ngo abantu bazakomeze kwororoka bagwire ku isi ;
- Kwari ukugira ngo hatabaho ubusambanyi ahubwo umugabo wese agire uwe mugore n'umugore wese agire uwe mugabo kandi bombi banyurwe ;

- Kwari ukugira ngo imiryango yaguke, amasano mu bantu yiyongere bityo ibyari kuzabatandukanya nk'amoko, uturere, amadini n'ibindi bite agaciro ;
- Umuntu yari akeneye uwo basangira ibyiyumviro (sentiments) : ngo ubwo azaba anezerewe abone uwo bafatanya uwo munezero kandi igihe azaba ababaye abone uwo basangira umubabaro bababarane kandi bahumurizanye.
- Muri make, Imana yifuzaga umuryango hano ku isi umeze nk'uw'Ijuru.

Kugeza ubu, umuryango ugereranywa n'akarima keza k'indabo n'imbuto z'amoko anyuranye, zifite imitobe iryoshye maze abawugize bagahora mu munezero. Ariko muri ako karima, umugizi wa nabi akaba yarajugunyemo uduhwa ahantu hamwe na hamwe ku buryo rimwe na rimwe abo mu muryango badukandagira tukabajomba bakababara. Ibyo rero bituma umuryango uhinduka **imvange y'ibyiza n'ibibi** kubera ingaruka z'icyaha. Ni muri ubwo buryo uwubatse urugo wese ahuriramo n'isomo rikomeye kandi rifite amanota menshi ryitwa « **kwihangana** »

Ibaze : Mbese mu isomo ryo kwihangana iyo « Professeur » Bigeragezo atanze ikizamini ubonamo amanota angahe ?

## b) Umuryango wa mbere kw'isi

Mbere y'uko Imana irema Adamu, yabanje kumuteganyiriza : yabanje kumwubakira urugo rwiza rwa Edeni rwarimo ibyo kurya n'ibyo kunywa byari kuzamutunga mu mibereho ye yose. Imana ikora icyo gikorwa cyo guteganyiriza ahazaza ha Adamu, yashakaga gutanga icyitegererezo ku babyeyi bazakurikiraho bose ku byo umubyeyi we akwiye guteganyiriza ahazaza h'uwo azabyara. Hano ku isi iyo umwana amaze gukura, ikintu cya mbere umubyeyi we amwifuriza yaba ari umukobwa cyangwa se umuhungu ni ukugira umuryango. No ku Mana rero umubyeyi ni nk'undi nta cyiza cyari kuyirutira kubakira umuhungu wayo (wo ku isi) urugo kandi ikamushakira umugore. Imana iravuga iti : « Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka tumuremere umufasha umukwiriye ». Itangiriro 2 :18.

Eva amaze kuboneka akuwe mu rubavu rwa Adamu, Imana ubwayo ni yo yashyingiye abo bombi maze ubwo bukwe bwera bw'akataraboneka bubera mu busitani bwa Edeni. Gutekereza uko ubwo bukwe bwari bumeze ni ibintu biturenze cyane : Umva nawe, Yesu ni we wari Pasitoro wasezeranije ubwo bukwe ; Imana ni yo yari umubyeyi w'umusore n'inkumi ; abamarayika bamwe babaye imperekeza, abandi baba amakorari yijihije ubwo bukwe, kuko nta bandi bantu bari ku isi ngo babafashe ibyo birori. Niba haratanzwe impano, arizo

« cadeaux de mariage » ntekereza ko zo zari zavuye mu gihugu cyo mu ijuru ! Yesu amaze kubashyingira, arababwira ati : « Muzabyare kobwa na hungu kandi muzororoke mwuzure isi, mufatanye n'Imana kurema abandi bantu (procréation) ». Mbese hari umunezero waruta uwo kuba mu muryango ?

**c) Abagize umuryango**

Umuryango ugizwe n'umugabo n'umugore bashyingiranwa mu rwego rwo kunoza no kubaka ubucuti bwabo. Umugabo n'umugore ntibabana kugira ngo bazabyarane ahubwo babana kuko bikundaniye. Hari abibeshya ko urugo rutarimo abana ruba rutuzuye ariko si byo. Abana ni zimwe mu mpano mushobora guhabwa n'ijuru cyangwa ntimuzihabwe. Ntabwo ari itegeko rero kuko Igaba uko Ishaka. Kutabyara rero ntabwo ari umuvumo ahubwo ni ikigeragezo nk'ibindi nk'uko ubukene cyangwa uburwayi butavaho biba ari ibigeragezo by'umuryango. Ingero zifatika tuzibona muri Bibiliya aho tubona imiryango yubahaga Imana, ingo zabo zikagendererwa n'intumwa zo mu ijuru ariko igahura n'ikigeragezo cyo kutabyara.

Mbese hari umuryango Imana yakundaga kuruta uw'Aburahamu ? Umuryango wa Aburahamu wamaze imyaka hafi ijana ku isi utagira akana ! Ntiwari umuvumo rero ahubwo cyari igipimo cyo kwizera kwabo. Nubwo bari bafite icyo

kigeragezo, ntibyatumye badakomeza kwikundanira kuko bari bazi utanga urubyaro uwo ari we. Mu mibanire yabo, Sara yubahaga Aburahamu akamwita umutware we. (1Petero 3 :6.). Umuryango wose ushobora kurenga ikigeragezo ufite ukagifata nk'ikitariho, maze ukigirira amahoro ya Yesu ab'isi batazi. Mu gitabo cye cyitwa « **uburezi** » ku ipaji y' 190, Ellen G. White yanditse ko mu rugo rwa Aburahamu habagamo abantu barenga igihumbi yari atunze kandi nta mwana we urimo. Ndetse muri bo bamwe bari abagabo nabo bafite imiryango batunze. Kunamba ku Mana no kuyiringira by'Aburahamu byatumye abona igisubizo cy'amasengesho ye ubwo yabyaraga Isaka afite imyaka ijana. Igihe amasengesho atinze gusubizwa, jya wirya icyara kuko Imana iba Iri gutegura kugusubiza mu gihe gikwiye. Amasengesho wasengeye mu rwiherero Imana izayasubiza ku mugaragaro maze abantu batinye Imana usenga.

***Hana, Umubyeyi udasanzwe***

Amaze kubona ko agiye guta umutwe kubera mucyeba we wahoraga amukubitisha abana agambiriye kumwongerera umubabaro, Hana yiyemeje guca agahigo maze ajyana icyifuzo k'utanga urubyaro ari We Uwiteka. Atitaye kuburwayi bw'ubugumba yari afite, yabwiye Imana ati : uzampe umwana kandi uzampe uw'umuhungu, ni we nshaka! Ibi na byo ni ikindi gitangaza kuko ubundi udafite ibyiringiro byo kubyara siwe

uhitamo ibitsina by'abana ashaka n'abo adashaka. Igihe nawe ugiye imbere y'Imana ufite icyifuzo, jya uyibwira ikikuri ku mutima udaciye ku ruhande. N'ubwo tutazi imyaka yagiye mu Rusengero asaba umwana, uyu mubyeyi yatangiye gahunda y'amasengesho, atateganyaga kuzarangiza atabonye igisubizo cy'icyo yifujije. Bibiliya itubwira ko buri mwaka yajyaga i Shilo mu Rusengero agasuka amarira imbere y'Imana. Umwuka w'ubuhanuzi atubwira ko muri icyo gihe byari nk'inzaduka kubona umuntu asenga amarira ashongonoka. Ni we wenyine wasengaga atyo ku bwo umubabaro mwinshi yari afite mu mutima we. Abandi bazaga kwikaraga imbere y'Imana bazanywe no kurata imigisha yabahaye, ndetse bakaza mu rusengero basinze! Igihe cyarageze, maze Hana aca ka gahigo koko kandi ntiyabyara umukobwa ahubwo abyara umuhungu wiswe Samuel bisobanura ngo "**uwasabwe Imana**" Mubyeyi usoma iyi nyandiko, ushobora kuba ufite ikibazo kimeze nk'icya mukuru wawe Hana. Ahari waraharitswe nka Hana (waba ubizi cyangwa utabizi) uzira ko utatanze abahungu n'abakobwa. Mbese waba usobanukiwe neza n'Imana Hana yasenze ? Mbese nawe wahagarara imbere yayo ufite kwizera? Uwiteka, Yehova, Uwera wa Israyeli ni ryo zina rye. Mbese usenga Yehova nyiringabo? Uwiteka aravuga ati : " Nimubaririze inzira za kera, aho inzira nziza iri abe ariyo munyuramo ( Yeremiya 6 : 16) Birashoboka ko wamaze kwinjira mu bapfumu cyangwa uri hafi kujya yo. Harya nawe uretse Imana yakuremye none

ugiye kubaza ibyaremwe ahazaza hawe? *"Kandi nibababwira ngo nimushake abashitsi mubashikishe mushake n'abapfumu banwigira bakongorera, mbese abantu ntibari bakwiye gushaka Imana bakaba ariyo babaza ? Mbese iby'abazima byabazwa abapfuye?" (Yesaya 8 : 19).*

Mbabajwe n'uko ugiye gukora icyaha kibi kandi gikomeye imbere y'Imana yakuremye. Harya umubabaro mwinshi ufite ni wo uguteye kureka Imana yawe? Ugiye gusenga ibyo Imana yaremye mu cyimbo cy'Imana? Uhangaye kubaza inzoka, igiti, cyangwa uduhu tw'inyamaswa ngo bikubwire ahazaza hawe n'imibereho uzagira? Bishoboka bite ko umuntu muzima yasenga ibyaremwe kandi ari we byagombye gusenga kuko ari we mutware wabyo? (Itangiriro 1: 6). Uwiteka avugana agahinda ati: *"Ubwoko bwanjye burimbutse buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka we kumbera umutambyi, ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe nanjye nzibagirwa abana bawe" (Hosea 4 : 6).*

Ahari wumva ubyaye aribwo watuza kandi ukabona amahoro wabuze. Nyamara hari ubwo utayabona kandi ukayabuzwa n'abo wibyariye. Ababyaye si bo bafite amahoro kandi abatarabyaye si cyo cyatumye batayagira : Abakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'Ubugingo bwabo ni bo bayafite. Mu rubanza rw'imperuka, ababyeyi benshi bazarira

kandi baborozwe n'ibibaye ku bana babo. Bazifuza kuba barabaye ingumba kandi batere mu ryo Mwene Siraki yavuze (muri Bibiliya Ntagatifu) ko " **gupfa bucike biruta kubyara abahakanyi"**

( Mwene Siraki 16 : 3) E.G.White nawe mu gitabo yise "**Ubutumwa ku Basore"** p.85 yagize ati *"Nahitamo kubona abana banjye bamanuka bajya mu gituro kuruta kubabona bari munsi y'ibendera ryirabura rya satani."*

# IGICE CYA 2

# *ISANO Y'UMUGABO N'UMUGORE*

*« Adamu aravuga ati: uyu ni igufka ryo mu magufka yanjye, ni akara ko mu mara yanjye azitwa umugore kuko yakuwe mu mugabo». (Itangiriro 2 :23)*

## II. ISANO Y'UMUGABO N'UMUGORE

Bibiliya itubwira ko Imana yaremye umuntu umwe gusa ari we Adamu. Cyakora Ibonye ko hari icyo abura, yamukuye mu bwigunge imukuramo igufka ryo mu rubavu ihasubiza inyama maze rya gufka irihinduramo umugore mwiza ni ko kumushyingira Adamu.

*« Mbese ntiyaremye umwe n'ubwo yari ifite umwuka uyisagutse? Icyatumye irema umwe ni uki ? Nuko yashakaga urubyaro rwubaha Imana ». (Malaki 2: 15-16). « Ni cyo gituma umuntu azasiga Se na Nyina akabana n'Umugore we Akaramata bombi bakaba umubiri umwe.... Nuko icyo Imana yateranyije, umuntu ntakagitandukanye ». (Matayo 19 : 4-5)*

Eva aremwa ntiyakuwe mu kirenge nk'aho ari uwo gukandagirwa n'umugabo ; ntiyanakuwe mu mutwe nk'aho ari uwo gutegeka umugabo. Ahubwo yakuwe mu rubavu rwa Adamu aho baringaniye. Ibi byatumye umugabo wa mbere asobanukirwa n'isano afitanye n'umugore we : kuko yavuze ati : « *uyu ni igufka ryo mu magufka yanjye, ni akara ko mu mara yanjye, azitwa umugore kuko akuwe mu mugabo* » (Itangiriro 2 :23)

**a) Ish na isha**

Mu rurimi rw'igiheburayo umugabo ni « ish » naho umugore ni « isha ». Kuba amazina yabo ahuriye ku ijambo rimwe ni uko na mbere atari abantu babiri ahubwo ari umuntu umwe. Umugabo n'umugore ni ibiremwa bibiri byuzuzanya bikaba ikiremwa-muntu. Umugabo n'umugore ni isano yuzuye : ni isano ku maraso, ni isano ku mubiri, basangiye igihe, basangiye imirimo n'ikiruhuko ; basangiye imishinga, basangiye inyungu n'igihombo, basangiye amadeni, muri make basangiye byose. Ntibava inda imwe nk'impanga-nyampanga ahubwo barenze icyo kure kuko bakoze umubiri umwe. Aha ni ho haturuka wa mubare wananiye abahanga aho rimwe uteranijeho rimwe bibyara rimwe ntibibe kabiri! (1+1=1) Matayo 19: 6; 1 Abakor 6: 16

Mbere y'icyaha, ubumwe bwari hagati y'umugabo n'umugore bwari bwuzuye ku buryo Imana yabahaye izina rimwe ari ryo umuntu; « *.....afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye ibaha umugisha ibita « **umuntu** », ku munsi baremeweho* (Itangiriro 5 : 2).

Ijambo ry'igiheburayo « Adam » risobanura umuntu kandi ryakoreshejwe kabiri mu itangiriro 1: 26 na 27. Imana Iravuga iti : « *tureme umuntu (Adam) agire ishusho yacu, ase*

*natwe, batware amafi yo mu nyanja n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere n'amatungo n'isi yose.... Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye».* Birerekana ko iryo jambo umuntu ryakoreshejwe ryerekeza kuri Adamu na Eva.

**Ibaze :** iyo umuntu asitaye agakomereka cyane ku buryo urwara ruvamo, mbese ikosa riba ari irya nde mu ngingo zigize umubiri ? Tuvuze ko ikosa ari iry'ino, ino ryarega ikirenge kuko aricyo giterura amano yose ; tuvuze ko ari iry'ikirenge, ikirenge cyarega akaguru ko kashinguye nabi kuko ari ko kakigendesha ; tubajije akaguru, kavuga ko ari uburangare bw'ijisho kuko umuntu akandagira aho ijisho ryabanje kureba. Ijisho rihamagawe ryajurira rikarega ubwonko kuko aribwo moteri cyangwa umuyobozi w'umubiri wose. Wa muntu wari uzi ko yareze ino, abonye ubwonko bwe buhamagawe mu nkiko ntekereza ko yatanguranwa, (abaye areba kure) akavuga ko yisubiyeho cyangwa akihamiriza ubwe ko atsinzwe atiriwe yiha amenyo y'abasetsi. Mbese umuntu yaburana n'ubwonko bwe kandi na mbere umuntu ari ibitekerezo? (Nous sommes tels que nous pensons)

Umugabo n'umugore bameze nka ziriya ngingo zigize umubiri w'umuntu. Ikibi cyose wakorera uwo mwashakanye, ingaruka muzazisangira waba ubizi cyangwa utabizi : Kurega ubwonko bwawe ni ukwirega wowe ubwawe. Kubw'ibyo rero

ikibazo si ikosa ryakozwe, ikibazo ni isano ufitanye n'uwarikoze. (1Abakorinto 12 :12-17)

**b) Barangana nyamara baratandukanye**

Umuvumo w'icyaha ni wo watumye umugabo ategeka umugore. « ... *kwifuza kwawe kuzaherera k'umugabo wawe nawe azagutwara* »(Itangiriro 3 :16) Ubutumwa bwiza bwigisha ko hakwiye kubaho urukundo no gufatanya hagati y'umugabo n'umugore. Umugore akwiye gufata umwanya Imana yamugeneye igihe yamuremaga : yari mu rwego rumwe n'umugabo. Umugore nka nyina w'abana agomba kwiyumvamo ko ari mu rugero rumwe n'urw'umugabo. Akwiye kumva ko agomba guhagarara iruhande rwe, agakiranuka mu nshingano ze nk'uko umugabo na we agomba gukiranuka mu ze (**Urugo rwa Gikristo p. 231**).

Ari umugabo cyangwa umugore nta n'umwe muri bo ukwiye gukangisha undi ko ari umutegetsi. Umugabo agomba gukunda umugore we nk'uko Kristo akunda Itorero kandi umugore agomba kugandukira umugabo we nk'uko Itorero rigandukira Kristo. Abashakanye bagomba kurangwa n'ingeso nziza buri wese akiyemeza kutazababaza mugenzi we.

### c) Urugo, ishuri ritarangira

Iyi si irimo ubumenyi bwinshi. Abantu biga amashuri abanza, bayarangiza bagakomeza ayisumbuye, bayarangiza bakinjira muri za kaminuza. Iyo bábishatse bakomeza kujambura mu byitwa « maîtrise » ndetse na « doctorat » bakazisohokamo ari ibirangirire maze bakitwa intiti z'igihugu. Kubera amashuri bikoreye n'impamyabushobozi ziremereye baba barakuye muri za kaminuza zikomeye mu isi, abo bantu bahabwa inyito zibanziriza amazina yabo.

Urugero : « Maître » kanaka, « Docteur » kanaka, « Ingénieur » kanaka, « Professeur » kanaka. N'ubwo bimeze bityo, sinari numva umuntu ufite « Doctorat », « Maîtrise » cyangwa « Ingéniorat » mu kubaka urugo ! Yemwe na ba bakurambere b'ibyamamare muri Bibiliya aribo Aburahamu, Isaka, Yakobo, Mose n'abandi ntazo bagiraga. Impamvu ni uko nta murongo ngenderwaho (formule) ubaho mu kubaka urugo. Uko umubyeyi wawe yarwubatse ushobora kumwigana ntibiguhire kandi we byaramuhiriye. Ikibitera nta kindi ni uko imiterere y'uwo bari kumwe itandukanye n'uwo muri kumwe. Kubaka urugo ni ishuri ridasanzwe. Uyu munsi ubona icumi ku icumi mu mukoro wahawe, ejo ukabona zero ku icumi.

**Urugero**: Aburahamu asambana n'umuja we Hagari, ijuru ryamuhaye zero ku icumi kuko yari anyuranije n'Imana umuremyi we (Itangiriro16 :4), ariko yemeye gutamba umwana

we w'ikinege Isaka akamutambira Uwiteka, ijuru ryamuhaye icumi ku icumi (Itangiriro 22 :12).

Uyu munsi nshobora kugucumuraho twarashakanye nkagusaba imbabazi ukazimpa (cyangwa ukazinyima), ejo nawe ukancumuraho bikaba ngombwa ko uza imbere yanjye umbwira icyaha cyawe kandi unsaba imbabazi. Mu buzima bw'abashakanye ntawe ukwiye kwihenura k'uwundi kuko twese tutaragera aho umwanzi atageza imyambi. « *Nuko rero uwibwira ko ahagaze yirinde atagwa* » (1 Abakorinto 10 : 12). Urugendo abashakanye banyuramo ni amasomo y'ubuzima atoroshye ni cyo gituma nta we uboneramo impamyabumenyi. Rimwe na rimwe ubukene mu muryango buba ikibazo cy'ingorabahizi, nyamara iyo babuvuyemo bagahabwa ubukire bibabera ikibazo gikomeye kibasha no gutuma batandukana, rugasenyuka rwose. Mbese wari uzi ko ubukire bushobora guhinduka ikibazo aho gukemura ikibazo ?

Umunyabwenge we yibwiriye Imana ati : « *Ntumpe ubukene cyangwa ubukire, ahubwo ungaburire ibyo kurya binkwiriye, kugira ngo ntahaga nkaguhakana (kubera umurengwe) nti Uwiteka ni iki ? Cyangwa nkaba umukene nkiba nkagayisha izina ry'Imana yanjye* » (Imigani 30 : 8-9.)

### d) « Docteur » mu kubaka urugo

Muri iyi si harimo ubumenyi bwinshi, umuntu ashobora kugira ubuhanga bwo gutanga inama mu miryango ndetse akaba n'inzobere miri icyo cyiciro kandi inama ze zigatanga umusaruro mwiza, nyamara za nama yaziha abandi ibintu bigasubira i rudubi. Ashobora no kubakira abandi ariko we ntibimuhire.

Uwaremye umuntu, akamenya ko akeneye umufasha, akamushyingira inkumi y'ihoho yitwa Eva, bombi akabashyira mu rugo rwuzuye ibyo kurya mu murima wa Edeni, Yesu Kristo niwe **« Docteur »** mu kubaka ingo. Uyu ni we wenyine wubakira abashakanye zigakomera, ni we uteranya ababiri akabagira umwe. Yesu gusa ni we wemerewe kwinjira mu bibazo by'abashakanye kuko ari na we uba yarabahuje. Yesu Kristo Muganga w'abashakanye aravuga ati: *"mwese abarushye n'abaremerewe ni muze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima"*. Matayo 11:28. N'ubwo kugisha inama ababyeyi ari byiza kuko bari mu ba mbere bagukunda kandi bazi imico yawe, rimwe na rimwe hari igihe inama zabo zitera ingorane ukaba wasenya aho kubaka. Ibyo kandi ni ibintu bibaho.

# IGICE CYA 3

## *UMUGABO, UMUTWARE W'URUGO*

*Yakobo arasubiza ati: « ndagenda buhoro uko imbaraga z'abo nshoreye ziri » (Itangiriro 33: 13-14)*

## III. UMUGABO, UMUTWARE W'URUGO

Burya iyo abanyarwanda bavugako umugabo ari imyugariro, baba bazi icyo bavuga. Izina imyugariro rikomoka ku nshinga kugarira ari byo bivuga kurinda. Bakaba rero babivuga bashaka gushimangira inshingano ya mbere y'umugabo mu rugo. Umugabo, uretse gukundwakaza Umugore we ashinzwe kumurinda no kumurengera (Protection). Muri Edeni, Adamu yari aryamye, mu rubavu rwe harangaye nuko Eva araboneka. Bisa n'aho umugore wa mbere ku isi yabyawe n'umugabo kandi wa mugabo aba ari na we umwita izina. Ibi bituma abagabo bose bagomba gukunda abagore babo kuko babakomokaho. I Kaluvari, Adamu wa kabiri (Yesu Kristo) yari aryamye, mu rubavu rwe harangaye, maze Itorero riravuka. Ni cyo gituma Kristo akunda itorero cyane nk'umubiri we. Umubano w'umugabo n'umugore ugereranya ubumwe Kristo afitanye n'Itorero. Kristo ni umutwe w'itorero na ryo rikaba umubiri we. Uko ni ko umugabo ari umutwe w'umugore kandi akaba ari na we muyobozi w'urugo.

### Inshingano z'umugabo

Umugabo akwiye kumera nka Aburahamu wategekeshaga urugo rwe amategeko atunganye. Imana na yo yahamije iby'Aburahamu igira iti "*kuko icyatumye mumenya ari*

*ukugira ngo ategeke abana be n'abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y'Uwiteka, bakora ibyo gukiranuka, baca imanza zitabera kugira ngo Uwiteka azanire Aburahamu ibyo yamuvuzeho".* ( Itang. 18: 19).

Hari abagabo bamwe batari basobanukirwa neza icyo kuba umugabo bivuze. Kwitwa umugabo ni ukumenya icyo gukora kugira ngo ukemure mu buryo bunogeye abo ushinzwe kuyobora ikibazo cy'ingorabahizi. Umuyobozi mwiza ni ubonera igisubizo ingorane iriho nta we ahutaje. (L'homme se découvre dans le malheur). « *Nubwo umugabo yaba afite ingorane mu mirimo ye, izo ngorane ntizikwiriye gutuma abuza amahoro umuryango we ; agomba kuza mu rugo rwe amwenyura kandi avuga neza* » (**Rengera Ubuzima II, p.55**).

**IMFASHANYIGISHO**

Mu rugo rumwe umugabo yari yarabwiye umugore we ko igihe azajya ataha yahengetse igikinga cy'ingofero, azajya amenya ko atashye atameze neza kandi ko yahuye n'ibibazo uwo munsi. Umugore na we abwira umutware we ko igihe azajya asanga yapfunditse amapfundo abiri ku gitambaro cyo mu mutwe, nawe azajya amenya ko mu rugo ibintu byiriwe nabi.Umunsi umwe, umugabo yatashye ingofero yayihengetse cyane, ikimenyetso cy'uko atahanye umunabi udasanzwe. Akirabukwa umugore we abona ku gitambaro cye, cyo mu

mutwe yapfunditse amapfundo atanu yose!! Kuko umugabo ariwe wabonye umugore mbere, yihutiye guhengura igikinga cy'ingofero, ayambara uko bisanzwe kandi atangira kumwenyura. Ngicyo icyo kuba umugabo bivuze: ni ukuzana amahoro aho atari kandi ugahinduka igisubizo cy'ikibazo.

**Ibaze:** Mbese iyo uriya mugabo atagarura igikinga cy'ingofero byari kugenda bite ? Aho ntirwari kurara ruhiye? Mu mategeko agenga abashyingiranywe kirazira ko umugore n'umugabo barakarira rimwe. Babyemerewe gusa igihe urugo rwabo rurimo gushya bari kuruzimya. Nubwo umugabo ari umutware w'urugo, hari ushobora gukoresha ubutware yahawe ahohotera abo ashinzwe kurinda no kurengera mu gihe yagombaga kubukoresha abarengera. Ibyo rero ni agahomamunwa !

**a. Umuyobozi w' urugo**

Mu by'ukuli kwitwa umugabo ntabwo ari ikintu cyoroshye: Ashinzwe imibereho myiza y'umuryango mu by'umwuka, mu by'umubiri no mu by'imibanire y'umuryango we n'abamuzengurutse. Ubuyobozi bwe bw'urugo bukwiye kugendera ku cyitegererezo cy'ubuyobozi bw'ijuru. "*Umubyeyi w'umugabo agomba kwigira k'umushumba mwiza icyigisho cyo kuba inyunganizi. Igihe Yakobo yabwirwaga kugenda urugendo rw'ikubagahu kandi ruruhije yaravuze ati: abana nta mbaraga*

*bafite, kandi imikumbi n'amashyo mfite bironsa...ndagenda buhoro nk'uko kugenda kw'amatungo nshoreye kuri, kandi nk'uko kugenda kw'abana kuri" (Itang. 33 : 13-14). Mu bihe biruhije byo muri ubu buzima, umugabo akwiriye kugenza buhoro nk'uko kugenda kwa mugenzi we kuri. Umugabo akwiriye kugenda biguruntege kugira ngo abashe gukomeza no guhumuriza uwahamagariwe gufatanya na we urugendo"* (Rengera Ubuzima II, p. 46-47)

Abahanga mu by'ubuyobozi (Leadership) bemeza ko ubusobanuro bw'ijambo kuyobora atari ***ugukora*** ahubwo ari ***ukuba*** (Diriger c'est être et non faire). Ku bw'ibyo rero, abantu ntibakundira umuyobozi ibyo akora ahubwo bamukundira cyangwa bakamwangira icyo ari cyo we ubwe. Imico y'umuntu n'imyifatire ye ni byo bigira umuntu icyo ari cyo. Ibyo ni byo bita mu rurimi rw'igifaransa « Personnalité ». Ibi biranyibutsa igitekerezo nasomye cy'umuyobozi w'igihugu umwe wigeze kuvuga « discours » idasanzwe kandi ihindura imbaga y'abaturage b'igihugu cye. Kubera ubuhanga n'impanuro yari iteguranywe, abantu bakomeje kujya bayisubiramo kenshi kubwo kuyikunda.

Umwe mubakunzi b'uwo muyobozi wari watwawe n'iyo « discours » y'agahebuzo yabajije uwo muyobozi ati : "Nyakubahwa, ririya jambo mwavuze none, mwaba mwarariteguye mu gihe kingana iki ko ryadutangaje ?" Wa

muyobozi asubiza yitonze ati ***« kuva nagera kuri iyi si nta kindi nakoze keretse gutegura ririya jambo navuze none »***! Byavanywe mu gitabo cyitwa ***« le Leader Sprituel »,*** p.55.

Nk'uko igisubizo cy'uriya muyobozi w'umuhanga kiri, ijambo yavuze si ryo ryatumye ahinduka ikirangirire, ahubwo yavuze ijambo ry'ikirangirire kuko yari asanzwe ari ikirangirire! Mu gitabo cy'Itangiriro 3 :16, Ijambo ry'igiheburayo ryakoreshejwe ryerekeranye n'ubutware, umugabo afite mu rugo rifite ubusobanuro bw'ibi bintu bikurikira : kurengera, gukunda no kurinda (abo utwara). Igihe imyitwarire y'umugabo ihakana ibyo avuga, abo mu rugo bashobora kumutinya ariko muby'ukuri batamwubaha kuko urusaku rw'icyo ari cyo ruba rutagituma babasha kumva ibyo avuga.Umuyobozi mwiza ntabwo ari ukanga cyangwa ngo ahutaze abo ayobora. Akwiye kumenya ko gukomera nyakuri ari ukwicisha bugufi agahitamo kuba umugaragu wabo nk'uko umuyobozi w'ikirenga Yesu Kristo yabigenje. ( Matayo 20 : 25-28*)*. Nyamara aho icyaha kiziye mu isi umugabo aregwa gukoresha nabi ubutware yahawe ibyo bikaba byaratumye umugore aremererwa bikomeye kandi ubuzima bwe bumubera umutwaro.

### b.Umuhuza w'ab'urugo

Ubusanzwe umuntu ahuza abantu babiri bafite icyo bapfa, akabunga bakagarukirana. Uwiteka avuga yeruye ati: « *kandi nashatse umuntu muri bo wasana inkike, ngo ahagarare imbere yanjye mu cyuho ahagarariye igihugu kugirango ntakirimbura ariko nta we nabonye .... Ni cyo gituma mbasukaho uburakari bwanjye bukaze, mbakongeresha, umuriro w'umujinya wanjye, maze imigenzereze yabo nyihererereza ku mitwe yabo* » (Ezekiel 22:30). Umugabo akwiye kuba umuntu uhuriza hamwe umuryango we, agakemura ikibazo cy'amacakubiri n'ubwumvikane bucye gishobora kuvuka mu muryango ashinzwe, agatambirira urugo rwe kugira ngo Imana ikomeze kureba ijisho ryiza umuryango we. Akwiye guhangayikishwa n'ibyaha bikorwa n'abo mu rugo rwe, cyangwa abarubamo bikababaza Imana akabisabira imbabazi nk'ubashinzwe akabahuza n'Imana Umuremyi wabo. Mw' ijambo rimwe, umugabo ni **umutambyi** w'urugo rwe.

### c. Uwagura amarembo.

Umugabo ntafite inshingano yo kuzana amahoro mu rugo gusa, ahubwo afite n'iyo gushaka inshuti z'umuryango mu rwego rwo kwagura amarembo. Umugabo ni we ukwiye gufata iya mbere mu kumenya no gusura abaturanyi, akagirana na bo

umubano mwiza kugira ngo umuryango we ubone aho wisanzurira. Umugabo agomba kwitwararika akirinda guhemukira abantu bityo akaba ateguriye abana be inzira. Nubwo ari ikintu kizwi ko umuntu ari gatozi ku cyaha cye, haba igihe umuryango ushobora kurimbuka uzize umuntu umwe.(Yosuwa 7 :20 :25 : ibya AKANI n'Umuryango we ).

Urundi rugero rubi Bibiliya itubwira ni urw'umugabo wari ufite ubwenge buke witwaga Nabali. Amakosa yakoze yari agiye gutuma Dawidi amurimburana n'umuryango we : « Kandi Dawidi yari yavuze ati : Ni ukuri narindiye ubusa iby'icyo kigabo byose cyari gifite mu butayu, ntihagira ikintu cyose cyo mu bintu bye kizimira ! Namugiriye ibyiza anyitura ibibi. Ni burinda gucya hari umuhungu n'umwe musigiye mu bantu be, Imana izabimpore ndetse bikabije. » (1Samweli 25 :21-22)

Uwiteka ashimwe kuko yakoresheje Abigayile umugore wa Nabali agatabara, bityo Dawidi akibuza umugambi mubi wo kumena amaraso (Soma 1Samweli 25 :14-37). Koko rero ari ineza cyangwa inabi umuntu agize abisanga imbere byanze bikunze.

Urugero rwiza Bibiliya itubwira, ni urwa Yonatani umuhungu wa Sawuli wagiriye Dawidi ineza nyinshi, Soma 1Samweli 19, 20,23. Igihe cyarageze Yonatani arapfa umuryango we urarimbuka ariko hasigara umwana we umwe

wamugaye ibirenge witwaga Mefibosheti. Dawidi akijya ku ngoma yabaririje niba hari uwasigaye wo mu muryango wa Sawuli ngo amugirire neza kubwa Yonatani. (2 Samweli 9 :2). Umwami akimenya ko hasigaye Mefibosheti yaramutumije nuko umwana asanga umwami ahinda umushyitsi aziko bagiye kumwica, ageze imbere ye agwa yubamye aramuramya maze Dawidi aravuga ati : « *Humura kuko ntazabura kukugirira neza kubwa so Yonatani, kandi nzagusubiza imisozi yose y'inyarurembo ya sokuru Sawuli, kandi uzajya urira kumeza yanjye iminsi yose......Nuko Mefibosheti aguma i Yerusalemu kuko yajyaga arira kumeza y'umwami iteka, kandi yacumbagiraga ibirenge byombi.*» (2 Samweli 9 :7,13)

Muntu w'Imana, ahari ushobora kuba ufite ingorane yo gusuzugura ariko mu byo wirinda, uzirinde gusuzugura umuturanyi wawe cyangwa kwibwira ko ntacyo wamukeneraho. Ijambo ry'Imana rivuga neza ko « *umuturanyi uri hafi aruta umuvandimwe uri kure* » (imigani 27 : 10)

None se si byo? Ese uramutse utewe n'abagizi ba nabi ni nde wagutabara ? Itungo ryawe se nirigucika uwo rizonera bwa mbere ni nde ? Inzu iramutse ihiye udahari uwayizimya bwa mbere ninde ? Ibi byose bifite igisubizo kimwe gusa : Umuturanyi wawe.

### d. Yobu, umugabo w'intangarugero

Yobu, ntiyari umwisirayeli cyangwa ngo abe umutambyi werejwe uwo murimo; ahubwo yakomokaga mu muryango w'abanyedomu na bo bakomoka kuri Esawu. Nubwo byari bimeze bityo, Yobu yari umukiranutsi Imana yirata kurusha abandi bose bariho mu gihe cye.

Muri make dore icyo ijambo ry'Imana rivuga k'ubuhamya bwe: «*Mu gihugu cya Usi, hari umuntu witwaga Yobu, kandi uwo muntu yari umukiranutsi utunganye, wubahaga Imana akirinda ibibi. Nuko abyara abahungu barindwi n'abakobwa batatu….Kandi abahungu be biremeraga ibirori mu mazu yabo umwe umwe mu minsi yitoranirije, bagatumira na bashiki babo batatu ngo baze gusangira nabo.Nuko iminsi y'ibirori byabo yarangira Yobu akabatumira ngo abeze. Akabyuka kare mu gitondo agatamba ibitambo byo koswa bihwanye n'umubare wabo kuko Yobu yavugaga ati : « ahari abahungu banjye bakoze icyaha, bahemukira Imana mu mitima yabo. »Uko niko Yobu yajyaga agenza iteka ryose.* » (Yobu 1:1, 2, 4-5). Ku bw'ibyo rero, Abagabo nk'abatware b'urugo ntibazabazwa ibyaha bakoze gusa ahubwo bazahamagazwa imbere y'Urukiko rukomeye rw'Imana kugira ngo basobanure ibyaha byakozwe n'abana babo ndetse n'ibyakozwe n'ababaga mu ngo zabo.

Mu gice cya 31 cy'igitabo cya Yobu, tubona ubuhamya bwa Yobu bufatika:

- Abakire bamwe kuri iyi si, iyo bamaze kurengwa bishora mu busambanyi bitwaje imitungo bafite. Yobu ararahira ko atigeze akora ibyo kuko yari anyuzwe n'umugore Imana yamuhaye (umurongo wa 1, 9).

- Abakire bamwe ntibafasha abakene nyakujya ngo kuko ibintu byabo byagabanuka. Yobu we yafashaga imfubyi, abapfakazi n'indushyi zitagira kivurira ndetse babaga iwe. (Umurongo wa 16 -21).

- Hari ingo zigira umuco mubi wo kwambura abakozi bo mu rugo, abahinzi, abafundi n'abandi. Nubwo uwo mukozi ashobora kubura aho akurega (kuko ufite amaboko) afite ahandi akurega kandi hakomeye (ariho mu ijuru). Wowe ukora ibyo umenye ko Yesu agiye kuza kandi uzabonana!

  Yobu we yishyuraga uwo yakoresheje kandı akarahira ko atigeze na rimwe arya umwero w'ubutaka atishyuye abamuhingiye. (Umurongo wa 13 -38).

- Hari abiringira amafaranga n'izahabu batunze aho kwiringira Imana. Yobu we yari azi ko ubutunzi

bujya bwitera amababa bukaguruka. Koko rero iyo butagusize , wowe ubwawe urabusiga. Ni cyo cyatumwe butamuteranya n'Imana. (Umurongo wa 24 -25).

# IGICE CYA 4

# UMUGORE, UMUTIMA W'URUGO

*« Abana be barahaguruka bakamwita Munyamugisha n'umugabo we akamushima » (Imigani 31 :28)*

## IV. UMUGORE, UMUTIMA W'URUGO

Abanyarwanda iyo bavuga ko « ukurusha umugore aba akurusha urugo » baba bazi icyo bavuga. Umuntu yakwibaza impamvu batavuze ko ukurusha ubutunzi cyangwa amafaranga yaba akurusha n'urugo. Ibi birerekana ko urugo rwiza ari umugore atari umutungo.

Umugore w'imico myiza ntaho wapfa kumubona : ntaboneshwa amafaranga, ntagurwa mu isoko, nta n'ubwo umuragwa n'ababyeyi bawe bona n'ubwo baba bagukunda bate. Baba bamukwifuriza ariko si bo bamutanga. **Umugore w'Imico myiza ni Impano y'Imana gusa** « *Urugo n'amatungo ubiragwa n'ababyeyi ariko umugore witonda umuhabwa n'Uwiteka* » (Imigani 19 : 14)

Ni muri ubwo uburyo, bitewe n'agaciro abagore bafite, abagabo tubita ba « Mutima w'urugo ». N'ubwo uburanga ari ingenzi k'umugore, si bwo bumuha agaciro iyo ageze mu rugo. Agaciro k'umuntu uwo ari we wese (atari n'umugore gusa) ni imico ye. Iyo umugore afite uburanga (bwiza) ariko akagira ingeso mbi, bwa buranga bwe bupfa ubusa. Bibiliya yo ivuga yeruye ko « *Umugore w'uburanga bwiza utagira umutima ari nk'impeta y' izahabu ikwikirwa mu mazuru y'ingurube* » ! (Imigani : 11 : 22. Niba ingurube ihigisha umunwa, noneho

umuntu wese arumva aho amazuru yayo yibera : Ni mu isayo y'ibyondo aho iba itaburura kandi iterera hejuru ngo ibone ibyo irya.

**Inshingano z'umugore**

Mbere ya byose, Umugore akwiye kwiha agaciro ntiyisuzugure. Akwiye gufata umwanya Imana yamushyizemo ikimurema : Angana n'umugabo yaba abizi cyangwa atabizi. Cyakora n'ubwo bimeze bityo inshingano zabo mu rugo ziratandukanye ariko zikuzuzanya. Umuyobozi w'urugo ni umugabo, umugore akaba umufasha we. Amategeko agenga urugo rwabo bayumvikanaho bombi umwe agakiranuka ku nshingano ze Imana yamutegetse n'undi bikaba uko :

**<u>Urugero</u>** : Imana itegeka umugabo wese gukunda umugore we nk'umubiri we kandi akamurengera (Abefeso : 5 : 25,28) naho umugore wese agategekwa kubaha umugabo we no kumugandukira (Abefeso: 5: 22-24).

**a. Kunganira umugabo we.**

*« Umusore akwiye gushaka umugore uzabasha kwikorera imitwaro y'urugo rwe, umuntu uzamwunganira kandi akamukosora ; umuntu uzamukunda akamunezeza. Umugore*

*agomba gukosora umugabo we kandi akamugira inama mu myanzuro afata.* » ***(Rengera*** **ubuzima II, p.39).**

Ahari wakwibaza uti ***: ese birakwiye ko umugore akosora umugabo ?*** Reka nanjye nkwibarize ***: ese birashoboka ko umugabo yakosa ?***

Hari igihe biba ngombwa umugore agakosora umugabo.

<u>Ingero</u> :

- Zipora umugore wa Mose yigeze gukebesha umwana we w'umuhungu ibuye ku bw'ikosa Mose yakoze ryo kwibagirwa iyo nshingano ! Biratangaje kubona umuyobozi w'ikirangirire nka Mose akora ikosa nk'iryo ryari rigiye gutuma umwana we yicwa n'Uwiteka. ( Kuva 4 : 25-26)
- Muka Pilato : uyu mubyeyi ntako atagize mu rwego rwo kunganira umugabo we, mbere y'uko Yesu Kristo ajyanwa kwa Pilato. Yamutumyeho ndetse agerekaho no kumwandikira amuburira ati : mutware wanjye, witondere uwo muntu bakuzaniye kuko iri joro neretswe byinshi kuri we : uwo ni umucamanza w'isi n'ijuru, ni Uwera w'Imana, uramenye ntiwishyireho amaraso y'uwo muziranenge ( Matayo 27 :19). Nyamara se nk'uko tubizi uwo muburo hari icyo wamariye Pilato ? Uwo muyobozi w'umunyantege nke tumubona ari kubaza abaturage (bari baje kwiyumvira urubanza) iki

kibazo kiranga umuntu utazi gufata ibyemezo ati : ***Yesu witwa Kristo ndamugenza nte, ko nsanze ari umwere ?*** Harya iyo umuntu abaye umwere mu rukiko bamugenza bate ? Abaturage bamuhaye inama yo kumubamba, arabikora. (Matayo 27 :21-16).

Mu rubanza rw'imperuka umugore wa Pilato ni we uzamushinja amaraso y'umuziranenge Yesu. Kuko yari yamuburiye ntiyumve. Iyo umugore adashoboye kunganira umugabo we mu gihe cyo gufata ibyemezo, rimwe na rimwe aramushuka akamushora !
Zirikana inama Yezebeli yahaye umugabo we Ahabu (1 Abami 21 :1-16) ; iyo Zereshi yahaye umugabo we Hamani (Esiteri 5 : 14) iyo Sara yahaye umugabo we Aburahamu (Itangiriro 16 : 2) ; iyo Muka Yobu yahaye umugabo we ariko akayanga : (Yobu 2 : 9-10) n'ingaruka z'izo nama.

***<u>Icyitonderwa</u> :*** Igihe umugore yitegura kugira icyo yunganira umugabo we amucyaha cyangwa amuha inama aba akwiriye kwitonda cyane no gushishoza akamenya uburyo yitwara kugira ngo igitekerezo cye cyakirwe neza kititiranijwe no gusuzugurwa. Birazwi ko mu miterere y'abagabo bakunda icyubahiro cyane naho abagore bagakunda gukundwakazwa no guhora babwirwa ko bagikunzwe na mbere.

**b.Yahamagariwe umurimo wera.**

Inshuro zitabarika ku munsi mu rugo hakomeza kumvikana akajwi gato kaba gahamagara ngo mama, mama. Akenshi umwana aba ashaka kwereka nyina ubuvumbuzi yagezeho! Ariko se nyina iyo aje abona iki? Aho yitumye cyangwa yanyaye!! Ku muntu mukuru ibyo nta cyo bivuze ariko k'umwana icyo ni igikorwa gitangaje atakwihererana. Ubundi ka kajwi kakongera guhamagara gatabaza iyo umwana afite ikibazo, akeneye kunganirwa cyangwa hari icyo areba cyamuteye ubwoba. Ngaho aho twese twanyuze kugeza tubaye bakuru. Iyo umubyeyi abwiye umwana ati ibi ni bibi, umwana amenya icyo nyina avuze kandi ntagisubire. Uwo mukino umubyeyi akina n'umwana buri munsi nta ho utangirwa raporo. Ibyo rero bituma ababyeyi bisuzugura bakumva ko umurimo wabo uri hasi cyane, ndetse ko ari nk'uburetwa bwo mu rugo. Bamwe barabyivovotera bagacika intege rwose iyo bagereranije umusaruro abagabo babo bazana mu rugo, n'uwabo kandi bakaza bivuga imyato, bacika intege. Babura icyo berekana gifatika kandi bavunitse cyane.

Akenshi umugabo ataha yigamba umusaruro acyuye, akarondora ibyo yinjije mu rugo ashaka kwereka umugore ko we nta cyo yinjiza keretse guteka, kurera abana no gusukura inzu. Ntaba yacuruje ngo yerekane urwunguko; nta cyo aba yaguze kandi ngo agurishe; ntaba yagiye ku kazi ngo ku kwezi

azane umushahara. Muri make, umugabo yereka umugore ko ari we ufite imirimo ivunanye mu gihe undi yirirwa yiyicariye mu rugo. Nyamara iyaba ijuru ryeyuraga gato umwenda ubakingirije maze amaso yabo agahweza, bombi batangazwa no kubona uburyo Uwiteka nyir'icyubahiro atanga amanota nyuma yo kwitegereza imvune y'umurimo w'umugore awugereranije n'uw'umugabo. Batungurwa cyane kandi bagatangara: Umugabo yakwibonera uburyo inshingano ye ifite umumaro mucye cyane mu maso y'Imana uyigereranyije n'uyu mubyeyi urera neza umwana we akamuvanamo kamere ya kinyamaswa, akandika mu bwenge bwe kubaha Imana no gukunda umuntu waremwe mu ishusho yayo. Umwami uri ku ngoma ntakora inshingano iruta iy'umubyeyi ukora atyo.

Ku bwo kunezezwa n'icyubahiro Imana imuhaye n'ingororano imuteganyirijwe, noneho yakora ishingano ze anezerewe kandi akarushaho kuzikorana ubuhanga, kwihangana no gushinyiriza. Yabikora azi neza ko iby'umugabo aruhira ari iby'igihe gito kandi bizabora; mu gihe kurema imico y'umwana no kugorora ingeso ze ari igikorwa gifite urwibutso rwa none n'urw'iteka ryose.

### c. Kurema no gutoza imico y'abana

Umurimo w'umubyeyi ntugereranywa: "*Ntabwo ameze nk'umunyabukorikori utera amabara mu mwenda ukaba igitangaza; Ntabwo ameze nk'umubaji uhanga igihangano abaje mu giti; Ntabwo ameze nk'umwanditsi wandika ibitabo bigahindura isi; Nta n'ubwo ameze nk'umuririmbyi uhimba indirimbo agatunganya ijwi ryayo mu njyana iryoheye amatwi. Abo bose nta we uhwanyije agaciro n'umubyeyi.*": Umurimo we afashijwe n'Imana ni ugutunganya umutima w'umuntu ngo amere Nk'Imana. Ibyo bituma abamalayika bandika izina rye mu gitabo cy'ubugingo cy'umwana w'intama" (**Rengera Ubuzima II**, p.48)

Noneho ba Mutima w'urugo, munezezwe n'uko ari mwe Imana yubashye kuruta abagabo, ubwo yabahaga inshingano "yera" kurenza izindi zose ari yo yo kwandika imico y'ubumuntu mu bwenge bw'umwana. Umurimo wanyu ni uw'icyubahiro kuko ugaruramo umuntu ishusho y'Imana, ukamwandikamo imico izatuma aba umuturage kuri iyi si no mu ijuru. Icyo gikorwa nta ho gitaniye no kumucungura (= l'Education vaut la Redemption).

(Byakuwe mu gitabo cyitwa "**Foyer Chrétien**", **Urugo rwa Gikristo**, pp. 223-225).

Reka nibarize ababyeyi: Mbese koko murabyemeye, Satani abatange kwandika kuri ruriya rupapuro rwera, yice ubwenge bw'abana banyu bakiri bato? Ese mu by'ukuri nta cyo ufite cyo gushyira mu bwenge bw'umwana wawe ubu akiri muto uzibukirwa mu myaka iri imbere? Birashoboka ko wasubiza ko nta gihe ufite, kuko ariko iyi si imeze, ariko umenye ko Satani we afite igihe kandi yiteguye kukurerera.

Zirikana umurimo wakozwe n'aba babyeyi bakubanjirije n'icyubahiro bazahabwa tugeze mu ijuru bitewe n'umusaruro isi yose yasaruye ku bana babo: mbese wowe uzaba uri he?

- **Yokebedi** umubyeyi w'intwali niwe wabyaye Mose;
- **Hana** umyamasengesho niwe wabyaye Samweli;
- **Elizabeti** niwe wabyaye Yohana Mubatiza;
- **Umwari Mariya** niwe wabyaye Yesu Kristo
- **Nyina wa Daniel** ntiyamenyekanye ariko ijuru riramuzi kandi azahabwa ikuzo rikomeye kubw'umurimo w'ingenzi yakoze ukagaragarira mu muhungu we.
- Hari n'ababyeyi ba vuba aha nka **Suzana Wesley** nyina wa ba basore babili babereye isi umugisha aribo Yohana Wesley wabaye umuvugabutumwa mpuzamahanga na murumuna we Karoli Wesley wafatanyaga na mukuru we umurimo kandi akaba icyamamare mu guhimba indirimbo z'Imana.(Ibiganza Bisenga N°.3, p. 16-17).

**D.Vashiti Umubyeyi w'intwali**

Igitekerezo cy'Ahasuwerusi na Vashiti kiboneka mu gitabo cya Esiteri 1:1-22, kitwereka uburyo igitsina gabo cyakandamije igitsina gore. Ese koko umugore yagombye gusendwa akirukanwa mu rugo rwe hejuru y'ibitekerezo by'abagabo basinze? Ibyanditswe bivuga ko umwamikazi Vashiti yagombaga kuza mu ruhame rw'abagabo yambaye ikamba ryonyine, **nta wundi mwambaro yambaye**!
Mu muco wa Kiyuda havuga ko kugira ngo umwami asabe umugore we kuza kwiyerekana byari byatewe n'impaka nyinshi abagabo bari bagiye zerekeye igihugu cyaba kigira abagore beza kurusha ibindi. Ahasuwerusi ashatse gukemura icyo kibazo atumiza umugore we ngo aze agaragaze ubwiza bwe mu ruhame rw'abantu.

Twibuke ko, aya marorerwa yabaye mu mwaka wa gatatu umwami Ahasuwerusi ari ku ngoma mu nkera yamaze iminsi irindwi abantu banywa inzoga z'amoko yose kandi bakarya icyo bashatse cyose. (Esiteri 1 :3-9). Umutima-nama wa Vashiti wamweretse ko nta mpamvu yabonaga yatuma ajya kwikaraga imbere y 'abagabo basinze asa nk'inka igurishwa. Ndetse bivugwa ko muri icyo gihe, umwamikazi Vashiti ashobora kuba yari atwite, akaba atarashatse kwiyerekana imbere y'abantu ameze atyo. Nubwo yari azi ko icyemezo nk'icyo gishobora kumuteza akaga, yahisemo kwiyubaha no

kubahisha ababyeyi bose, yanga kwitesha agaciro ashimisha abagabo basinze. Ikindi kandi afata umwanzuro nk'uwo, ntiyabuze gutekereza ibyashoboraga kumubaho aramutse agiye aho ibyo birori byaberaga ameze atyo.

N'bwo uwo munsi Vashiti yasenzwe, yagiye nk'intwali atigeze yiyandarika cyangwa ngo asuzuguze ababyeyi yari ahagarariye. Igihe itegeko ry'umuntu rije rivuguruza iry' Imana " ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu" (Ibyakozwe 5 : 29). Icyo Ahasuwerusi yasabye umugore we ntiyabanje kugitekerezaho kandi nticyari ukuri. Ariko amateka agaragaza ko n'ubundi uwo mugabo yari igihubutsi n'ikigoryi mu buryo bwinshi. Tubwirwa ko rimwe yigeze kwica abubatsi b'iteme kubera ko haguye imvura nyinshi amazi akaritwara; kandi ategeka ko inyanja igomba gukubitwa ibiboko ikazirikwa n'iminyururu! Ahasuwerusi yari umuntu usuzugura Umuremyi we akumva ko ashobora no gutegeka ibiremwa Imana yaremye.
(Byanditswe na **Dulce FERGUSON**, mu gatabo yise **« KUBAHO UTEGEREJE »**pp. 10-12)

Elina Wayiti yaranditse ati *« Ari umugabo cyangwa umugore nta we ukwiye gutegekesha undi igitugu. (1Petero 3 :7) Ntukajye uhatira mugenzi wawe kwemera ibyo ushaka. Ibyo ntushobora kubikora ngo akomeze kugukunda. Ujye ugira ingeso nziza, wihangane, ubabarire, ushyire mu gaciro kandi*

*ugire ikinyabupfura. K'ubwo ubuntu bw'Imana ushobora kunezeza mugenzi wawe nk'uko igihe mwasezeranaga mwahamije ko muzabikora.»* (***Umurimo w'ubuvuzi p. 361***).

Yakomeje agira ati : «*Nabonye ko ababyeyi b'abagabo bake ari bo bazi inshingano yabo iyo ari yo. Umugabo, ari we se w'abana ni we mutwe w'urugo. Umugore aba amuhanze amaso, yiteze ko amugaragariza urukundo, impuhwe no kumufasha kurera abana.* ». (***Urugo rwa Gikristo p. 211***)

# IGICE CYA 5

## *ABANA, IMBUTO Z'URUKUNDO*

*« Erega abana ni impano itangwa n'Uhoraho, urubyaro nibyo bihembo atanga » (Zaburi 127:3: Bibiliya Ijambo ry'Imana)*

## V.ABANA, IMBUTO Z'URUKUNDO

Nk'uko tubizi, umwana ntatangwa n'umugabo cyangwa n'umugore ahubwo umwana ni impano itagwa n'Uwiteka. « *Erega abana ni impano itangwa n'Uhoraho, urubyaro nibyo bihembo atanga !*» Zaburi 127 : 3 (Bibiliya ijambo ry'Imana)

Iyo umuntu akuragije inka bitandukanye no kuba ayiguhaye. Uyiragijwe aba afite inshingano yo kuyiha ubwatsi akayitaho nk'iye bwite akayiragira neza maze ya nka yabyara akazamuziturira. Ari byo bivuga kumwitura. Imana ntiyaduhaye abana ahubwo yarabaturagije kuko ari abayo cyakora yiteguye kuduha indagizo ariyo ngororano y'ikamba ry'ubugingo ku bazaba barayirereye neza, n'igihano cyo kujugunywa mu muriro kubazaba barayirereye nabi. « *Dore ndaza vuba nzanye ingororano kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze* ». (Ibyahishuwe 22 :12).

### a. Umugisha ugendana n'inshingano

Iteka ryose iyo Imana iguhaye umugisha iguha n'inshingano igendanye na wo. Aburahamu yahawe n'Imana umugisha ariko ahabwa n'inshingano yo kwereka Imana y'ukuri

abamuzengurutse kandi bikaba ubuhamya bw'imibereho ye y'ubuzima bwose.

Isaka umuhungu we ni we wazunguye umugisha wa se na we afata inshingano yo kumenyekanisha Imana kandi bigahinduka ubuhamya bw'imibereho ye y'ubuzima bwe bwose. Ubwo uruhererekane rw'umugisha n'inshingano byageraga kuri Esawu, imfura ya Isaka ibintu byarahindutse.

Esawu yifuje cyane umugisha w'Imana ariko yanga inshingano ijyana nawo. Yumvaga guhora mu bitambo, atambirira ibyaha bye n'iby'abandi atakoze ari umuruho uvunanye cyane. Ntiyishimiye icyubahiro cyo kuba umuhuza w'abantu n'Imana ahubwo ahitamo kuba umusongarere n'inzererezi. Akirirwa yirukanka ku musozi inyuma y'inyamaswa hamwe n'abandi basore b'urungano.

Nguko uko ababyeyi bamwe bameze. Bifuje abana Imana irababaha ariko ntibashaka kwicarana na bo ngo babahe uburere buboneye. Abo babyeyi ni bashaka bicukurire urwobo bazihishamo kuko Yesu agiye kuza kandi bazabonana. « *Umuvumo w'Imana uzagera ku babyeyi bakiranirwa. Ntibatera amahwa azababakomeretsa bakiri mu isi gusa, ahubwo bazabona ibyo gukirarwa kwabo, ubwo imanza zizaterurwa.*

*Abana benshi bazahaguruka mu rubanza bacireho iteka ababyeyi babo kuko batababujije gukora ibibi maze bavuge ko ari bo babarimbuje »* ***(Inama zigirwa Itorero II, p.143).***

**b. Icyo ubiba ni cyo uzasarura.**

Hari ababyeyi bamwe batacyonsa abana babo ngo amabere yabo atagwa ! Noneho iri ni ishyano ! Aba babyeyi ntibazi ko uretse n'intungamubiri ziba mu mashereka utasanga mu mata asanzwe, uruhinja rwonka impuhwe, urukundo n'umunezero by'urwonsa. Ikibabaje ni uko igihe kizagera ba babyeyi bageze mu zabukuru maze bifuze cyane ko abo babyaye babagaragariza impuhwe n'urukundo batigeze babateramo!

Bazaba bashaka umusaruro w'icyo batabibye. Ntibazagiririrwa ineza n'abo bibyariye ahubwo mu cyimbo cyo kunywa ku mitobe y'amatunda y'umubyeyi bazakomeretswa n'amahwa bateye ubwabo. Akabarore ni nyina wa Nero (Agrippine) wishwe n'umuhungu we ku manywa y'ihangu kubera ubugome bwe yakurikiranye amaze gukura.

<u>**Imfashanyigisho**</u> : Umunsi umwe ibandi kabuhariwe ryamaze abantu ryagombaga kunyongwa ku mugaragaro. Ubwo abacamanza babazaga uwo mugome icyo yifuza cya nyuma

mbere y'uko yicwa, yashubije ko yifuza kuvugana na nyina ijambo rimwe. Baramumushyiriye maze kuko yari aboshye amaboko kandi akingiranye asaba nyina gutega ugutwi ku idirishya ngo amubwire ijambo rya nyuma. Ubwo wa mubyeyi yategaga ugutwi ngo yumve icyifuzo cy'umuhungu we, nyamuhungu yahise agufatisha amenyo arashikura cyane ugutwi agukuraho niko kumubwira ati : « *wambereye umubyeyi gito, ntiwampana kwiba ahubwo ukabinshimira. Mpfuye nzize uburere bubi wampaye kuva mu buto bwanjye nawe jyana ubwo busembwa kugirango uzabere ababyeyi bose akabarore kandi iteka ryose uzahorane ipfunwe mu babyeyi !»*

Ku munsi w'amateka wa mubyeyi azazurwa ahagarare ku maguru ye yombi asobanurire Yesu icyo yakoreye umwana yari yaramutije. Mbese babyeyi musobanukiwe n'inshingano mufite ku bana banyu ? Iyo usaba Imana kwibera ingumba yari kubiguha ariko dore washegeye kubyara none unaniwe kurera. Harya wamaze gucukura umwobo uzihishamo Yesu ? Iyo si yo nama nguhaye kuko ntaho uzamuhungira. Soma Zaburi 139 : 1-12.

**<u>Ahubwo dore inama</u> :**

Jya mu cyumba cy'inzu yawe ukinge uririre Yesu, Umusabe imbabazi kuko urubanza rugutsinze, umubwire ko ugiye guhindura uburyo n'imikorere. Musabe imbaraga zo kongera ubutwari n'umurava, ukunde abana Yesu yakuragije kandi ubitangire nk'uko na we yakwitangiye ku musaraba. Ntukabatuke ibitutsi bishishana kandi ntukabahane urakaye. « *Menyereza umwana inzira akwiriye kunyuramo, azarinda asaza atarayivamo.* » Imigani 22:6

Gira igihe gihoraho cyo kubumva, bakuganirire kandi bakugezeho ibyifuzo byabo ; kurikiranira hafi utugeso twabo bararuza hanze iyo birirwa kuri za Televiziyo, mu binyamakuru no mu baturanyi. Fuhira abana bawe nk'uzababazwa. Ahasigaye wizere ko Yesu Kristo ubu ukorera mu cyumba cy'ahera cyane ho mu ijuru yakubabariye. Ngushimiye guhitamo gukomeye ugize kuko ugiye mu ruhande rw'Imana. Humura Imana irababarira kandi ntigira inshyuro : « *nuko iyo minsi yo kujijwa Imana yarayirengagije ariko itegeka umuntu wese kwihana* ». ( Ibyak. 17 :30). Imana ibigufashemo.

**c. Shaka umwanya wo kuganira n'umwana.**

Ababyeyi bamwe ntibazi icyo bakora abana babo kuko badasobanukiwe neza n'imiterere yabo cyangwa ibyiyumviro byabo. Uzasanga bamwe mu babyeyi bavuga ko iyo uboneye umwana icyo arya, ukamugurira imyambaro yambara ukamuvuza, igihe cyo kwiga cyagera, ukamujyana mu ishuri, uba urangije inshingano ufie ku bana. Muntu w'Imana, ndagira ngo unyemerere nkubwire ko ibyo bidahagije. Umwana ni wowe akeneye kuruta ibindi byose biri ku isi.

Nk'umubyeyi we, akeneye ko mukina, akeneye ko muririmbana ndetse mugakora ka korari ka babiri, ukajya utera na we akikiriza, akeneye ko umuterura ndetse akamushyira no ku bitugu. N'ubwo uri umu « papa » wiyubashye, shyira icyubahiro ku ruhande gato umere nk'umwana muto. Agomba kugutetaho mu gihe akigufite. Ntugatume umwana wawe akubura kandi uba mu rugo. Ese ko Imana itamugize imfubyi, akubura kubera iki ?

Nuganira n'abana hari ibibazo byinshi bazakubaza kandi bimwe ntuzashobora kubisubiza uzirinde kubeshya abana bato. Jya umubwiza ukuri nubona utiteguye kumubwiza ukuri ku kibazo yakubajije, mubwire ko uzamusubiza ubutaha ariko

ntukamubeshye kuko iyo avumbuye ko utamubwiza ukuri ntiyongera kwiringira ibyo uvuga.

Imfashanyigisho : Umunsi umwe umwana muto yabajije nyina ati : mama, ko mfite amatsiko yo kureba ikintu kiri mu mutima wawe wanyemerera nkarebamo ? Ni iki kiri mu mutima wawe ? Ndifuza kureba ikirimo. Nyina ntiyahise abona igisubizo ariko undi munsi wa mwana yongeye kumubaza cya kibazo wa mubyeyi yaramusubije ati : « igira hino maze witegereze mu mboni y'ijisho ryanjye urebe neza witonze urambwira icyo wabonyemo. Wa mwana ati mbonyemo akana gato !! Nyina aherako aramubwira ati ako kana ubonye ni wowe : mu mutima wanjye nta wundi muntu ubamo uretse wowe. Ndagukunda kandi nzakomeza gukurikirana ubuzima bwawe bwose. Igihe ubona nkora kandi mvunika ni wowe mba ndi gutegurira imibereho kuko mfite inshingano Imana yampaye yo kukurera no kugukuza kandi nkazakumurikira Yesu Kristo wakumpaye ku munsi w'imperuka ».

**<u>Ikibazo</u>** : Mbese abana bacu ntibakeneye kumenya ko tubakunda ? Bazabimenya bate mutaganiriye ? Ese ubundi uzamenya ryari ko yakorewe ibya mfura mbi ? Abana baradukeneye, bakeneye inama zacu nta mpamvu yo kutubura kandi bataraba imfubyi.

**d. Mu baba mu rugo nta we umuruta.**

Turi mu gihe abantu bari gusiganwa n'isi. Ibyo ni byiza kuko tugomba kugendana n'iterambere ry'isi, nyamara ibyo ntibikuraho inshingano ababyeyi dufite ku bana. Niba ufite kazi kenshi ukaba wiyemeje kujya kugakorera i muhira jya ubanza uhe abana iminota yabo muganire, ikiganiro ni gishaka kimare iminota irindwi cyangwa icumi ariko abana ntibakabure umwanya wabo. Ayo maraporo uhugiyemo n'ibyo bizami uraramo nta gifite agaciro nk'umwana wa Yesu kuvuga ngo bamukingirane cyangwa bamuzembagize bamuhugenza ibyo ntibikwiye.

Igihe umwana ajambaguje amadosiye yawe cyagwa agashwarabanga n'ikaramu bya bitabo by'akazi no muri note zo kwishuri aba akoze ikosa rya kabiri wowe mu byeyi wamaze kumukorera irya mbere ! Aragukumbuye, aragukeneye none wamwimye akanya ke ko kugutetaho kandi ari uburenganzira bwe. Ibi biranyibutsa agatekerezo k'umwana wabaririje umushahara wa se w'ukwezi maze awugabanya ka mirongo itatu abona amafaranga se akorera ku munsi. Yamafaranga yarayashatse arayazana abwira se ati naragukeneye ndakubura maze menye ko abagutwara babiguhembera none nanjye nkuzaniye amafaranga abandi baguha mukirirwana

kugira ngo umpe umunsi wose twiririwane kandi ndumva nta kibazo kuko nawishyuye !! Sinakurikiranye uko iki gitekerezo kirangira ngo menye niba se yarayakiriye cyangwa atarayakiriye. Ese wowe wayakira ? Nubwo amarira y'umugabo atemba ajya mu nda, ubanza uyu we yaratembye ku matama. Ni ukuri birababaje !

<u>**Icyitonderwa**</u> : Niba abana bawe bagutinya bakaba batatinyuka kuganira nawe ngo musabane, bakubwire ibyifuzo byabo n'uko bagutekereza, ingorane ntiri kuri bo ahubwo iri kuri wowe. Tegura umwiherero maze ubwire Yesu ibyawe, kandi umusabe inama z'icyo wakora kugira ngo iyo myitwarire ihinduke. Nkwifurije ibihe bishya.

**e. Ubuhamya bwa Elina White n'abana be.**

Igihe abana basabye kujya mu rugaga runaka cyangwa mu ishyaka runaka mujye mu babwira nk'uko nabwiraga abanjye, muti : « *simbakundira ko mugenda bana, mwicare aha mbabwire impamvu. Ndakora umurimo wo kuzababeshaho kandi ndakorera Imana yarabampaye kandi Irabanshinga. Mpagaze mu mwanya w'Imana mbarera, bana banjye, nicyo gituma mbarinda kuko nzababazwa ku munsi w'Imana. Mbese murashaka ko izina rya Nyoko ryandikwa mu bitabo byo mu*

*ijuru ko yananiwe gukorera abana be inshingano ye, ko yakundiye umwanzi kwinjira agakora umurimo nkwiriye gukora ? Bana banjye ngiye kubabwira inzira ikwiriye maze niba mushaka kureka ibyo nyoko abigisha maze mukigira mu nzira y'ibibi, nyoko azahagarara nta kibi kimuriho, ariko mwebweho muzabazwa n'ibyaha ubwanyu.*

*Uko ni ko nagenjereje abana banjye kandi igihe nabaga ntararangiza barariraga, bakambwira bati : Mbese ntiwadusabira ? Ntabwo nigeze nanga kubasabira. Napfukamye iruhande rwabo ndabasabira. Hanyuma naragiye, mpendahenda Imana ijoro ryose ingeza ku gasusuruko, ngira ngo ibinezeza by'umwanzi bidohoke, kandi naranesheje. N'ubwo byatumye nkora ijoro ryose nyamara niyumvisemo ko nishyuwe cyane, igihe abana banjye bambwiraga bati: Mama, turanezerewe cyane kuko utadukundiye kugenda igihe twabishakaga. Noneho tubonye ko byajyaga kutubera icyaha ».*
Babyeyi nguko uko mukwiriye gukora mubikomeje. Ukwiriye gukora uyu murimo niba wiringiye gukiriza abana bawe mu bwami bw'Imana. Byakuwe mu gitabo cy'***Inama zigirwa Itorero II, pp. 152-153***

# IGICE CYA 6

# *ICYUMBA CY'ABASHAKANYE*

*« ....Ababiri iyo baryamanye barasusurukirwa; ariko uri wenyine yasusurukirwa ate? »*

*(Umubwiriza 4:11)*

## VI. ICYUMBA CY'ABASHAKANYE

Mu cyumba cy'abashakanye ni ho hantu abantu bose bubaha baba ababa muri urwo rugo cyangwa abashyitsi barugendamo. Mu cyumba cy'abashakanye ni ho hacocerwa ibibazo bikomeye by'urugo ; ni ho imishinga y'urugo ijyanye n'iterambere inonosorerwa ; kandi amabanga akomeye y'urugo abera muri icyo cyumba.

Ni ikintu kizwi ko abashakanye bamara amasaha menshi muri icyo cyumba kuruta ayo bamara mu cyumba cy'uruganiriro. Abo mu ijuru bubaha icyumba cy'abashakanye. « *Abamarayika b'Imana bazaba abashyitsi mu rugo kandi uburinzi bwabo buzaboneza icyumba abashakanye babamo. Irari rituma umuntu agira imico mibi rizirukanwa mu mibereho yabo. Ibitekerezo bizerekezwa ku Mana kandi kuri Yo ni ho ibyifuzo by'umutima bizarangamira. Muri buri muryango wose Kristo atuyemo, abawugize bazerekana ko buri wese yita kuri mugenzi we kandi ko amukunda. Urwo rukundo ntiruzaba ari urwo ku rurimi rurangwa n'agashyi ko kw'itama, ahubwo ruzaba ari urukundo rwimbitse kandi ruhoraho* ». **Urugo rwa Gikristo** p. 94.

N'ubwo bimeze bityo, Satani n'abadayimoni na bo basobanukiwe n'ukwera kw'icyumba cy'abashakanye. Bazi neza ko byaborohera gusuka imibabaro itavugwa mu

muryango niba icyo cyumba gihindutse indiri y'abadayimoni. None se nk'uko tubizi, intonganya ziturutse ku kantu k'ubusa busa mu miryango hagati y'umugore n'umugabo bibera he ? Si mu cyumba cy'abashakanye? Mbese si ikintu kibabaje ko umugore n'umugabo babasha kuba banezerewe mu cyumba cy'uruganiriro, baseka ariko bagera mu cyumba cyabo bakarwana! Iyo ni ya myuka mibi ibasekuranya imitwe kandi bombi ntibabimenye.

**a. Kweza icyumba cy'abashyingiranywe**

Kweza icyumba cy'abashyingiranywe bitandukanye no gusasa uburiri cyangwa kuhakora isuku isanzwe. Uburiri bubasha kuba bushashe neza ariko ntibibuze umwe mu bashakanye kurara yicaye mu ntebe kuko yameneshejwe na mugenzi we. Ahari wakwibaza ufite inshingano yo kweza icyo cyumba hagati y'umugabo n'umugore cyangwa uburyo cyezwa :

Uwamenye Imana kurusha undi, akaba asobanukiwe n'imbaraga ikorera mu isengesho rinyujijwe mu maraso ya Yesu Kristo, akaba asanzwe azi imikorere y'imyuka mibi n'uburyo yirukanwa gusa mu izina rikomeye rya Yesu Kristo ; uwo ni we uzafata iya mbere mu kwirukana imyuka mibi iba iri muri icyo cyumba.

Twibuke ko Satani n'abadayimoni birukanwa mu izina rya Yesu gusa kuko ari nta rindi zina riri mu ijuru cyangwa mu isi twahawe uretse irya Yesu (Ibyak. 4 : 12).
Umugore wamenye ibanga ry'agakiza, azajya afata umwanya uhagije muri icyo cyumba ahamagare Yesu kukibamo no kwirukana imyuka mibi yacyihishemo. Namara kwiyeza azasengera umugabo we utarakira agakiza kugirango na we azahabwe ubwo buntu yagiriwe. Niba ari umugabo uzi Imana, niwe uzajya afata agahe ko kweza icyumba cyabo. Iyo bose ari abanyamasengesho, utanze undi kukigeramo ni we ukora iyo nshingano.

Iyo bombi bacyinjiriyemo rimwe, ikintu cya mbere bakora ni ugusengera muri icyo cyumba bakiyeza kandi bakararika abamarayika bo mu ijuru ngo babe ari bo bakirinda. Uko ni ko beza icyumba cy'abashakanye. Iyi gahunda nikurikizwa, mu ngo nyinshi ibintu bizahinduka. Si kenshi abashakanye bazongera kugitonganiramo, kuko umwuka wo kwiyoroshya ari wo uzabayobora. Ukosheje azasaba imbabazi mugenzi we, undi na we ntazatinda kuri ako gakosa ndetse azanamubabarira atarahogora nk'uko Bibiliya ibivuga neza iti : « *Urukundo rutwikira ibyaha byinshi*» (1Petero 4:8).

**b. Ukuryamana kw'abashyingiranywe**

Iyo umwana w'uruhinja avutse akenera konka kuko ibere n'amashereka bihari. Igishuhe gikenera kwoga kuko amazi aba ahari. Abashakanye bakenera gukorana imibonano mpuza-bitsina kuko uwo muhango wera kandi ukaba warahawe umugisha n'uwavuze ati : « *si byiza ko uyu muntu aba wenyine* kandi agategeka *ati mubyare mwororoke mwuzure isi...* ».

Ukuryamana kw'abashyingiranywe ni itegeko ryera kandi rifite agaciro mu masezerano yo gufatanywa kwabo. Uyu muhango ushobora kubera abashakanye umugisha, ukabongerera ubumwe n'urukundo bakundana cyangwa ukababera umuvumo ushobora kubateza imibabaro, umwiryane n'amacakubiri, bitewe n'uburyo abashakanye bawumva.

Ijambo ry'Imana rivuga ryeruye riti : " *ariko kubwo kwirinda gusambana, umugabo wese agire uwe mugore n'umugore wese agire uwe mugabo. Umugabo ahe umugore ibimukwiriye kandi n'umugore nawe abigenze atyo ku mugabo we.....ntimukiyimane keretse ahari musezeranye igihe kugirango mubone uburyo bwo gusenga kandi mwongere guhura satani atabageragerasha iruba ry'imibiri yanyu."* (1Abakorinto 7:2-5).

Umugabo n'umugore bashyingiranywe ni umubiri umwe. Ni yo mpamvu ari bo bonyine bemerewe kurara ku buriri bumwe. (1Korinto :6 :16). *Kuryamana kw'abashyingiranywe ni impano yera Imana yahaye umuryango w'abantu. Ni wo mugabane wonyine ukomeye wateganirijwe ubukwe" (Itangiriro 2 :24 ; Imigani 5 :5-20). Bene urwo rukundo ruharirwa gusa umugabo n'umugore bonyine. Uko rukomeza gukura ni ko rubazanira amahoro n'umunezero kandi rugakomeza kongera umubano mu muryango. Mu nshamake kuba umugabo w'umugore umwe bikurikije umuhango wa mbere w'ubukwe. Imana ubwayo ni yo yashyizeho ubumwe bw'umugabo n'umugore. (Matayo19 :4-5). »***Indongozi y' Itorero p.248***.

Nta kintu gikwiye kwanduza umuhango wo kuryamana kw'abashyingiranywe kuko wera. Igihe ukutumvikana k'umugabo n'umugore kugeze mu ntera yo kutararana, icyo ni ikimenyetso cy'uko uwo muryango ugeze ku buce kuko isano yabo iba itacyuzuye Bibiliya ivuga yeruye kandi idakikiye iti : *«Kurongorana kubahwe na bose kandi kuryamana kw'abarongoranye kwe kugira ikikwanduza, kuko abahehesi n'abasambanyi, Imana izabaciraho iteka.* ».Abaheburayo 13 :4.

Iyo umugabo n'umugore (bashyingiranywe) barara mu nzu imwe ariko bakaryama mu byumba bitandukanye no ku

bitanda bitandukanye, ntibaba bakiri umubiri umwe. Ni yo mpamvu , inama bahabwa n'ababakunda cyangwa imishyikirano bashobora kugirana bo ubwabo, igomba kwerekeza ku gusubirana kwabo. Umuntu uhamagariwe guhuza abashakanye bafitanye amakimbirane, aba akwiriye kumenya niba abo agiye guhuza « bakirarana ku buriri bumwe ». Igihe cyose wa muhuza atitaye kuri iyo ngingo , inama zose atanga , amasezerano yose bamuha, n'imyanzuro yose izafatwa bizahinduka imfabusa niba bitaganisha k'ugusubira ku buriri bumwe. Soma 1Abakor 7:2-5.

**c. kwirinda gushayisha**

Satani n'abadayimoni bagerageza uko bashoboye kose ngo bahindanye ukwera kw'uyu muhango maze ku ngo zimwe na zimwe, ugahinduka intandaro yo kutishimirana, gushyamirana, intonganya, n'ibindi kandi atari wo mugambi w'Imana. Biblia n'umwuka w'ubuhanuzi bitanga amabwiriza yo kudashayisha. Gushayisha mu kuryamana kw'abashyingiranywe, ni icyaha gikomeye kirimbura umubiri n'ubugingo bw'abagikora. Bamwe Satani abereka ko ari uburenganzira bwabo, ariko ntibamenye ko ikintu cyose kigira gahunda n'amategeko abigenga. *« Umucunguzi w'isi yavanywe mu ijuru no gufasha umuntu mu ntege nke ze kugira ngo mu mbaraga Yesu atanga umuntu*

*abashe kunesha irari n'iruba kandi ngo abashe kuba umuneshi mu bintu byose »**Inama zigirwa Itorero II, p.199.***

Gushayisha mu kuryamana kw'abashyingiranywe, bigabanya imbaraga yo kwera no kwitegeka umuntu yaremanywe (Saintedé & maîtrise de soi).

Gushayisha bigizwe akamenyero, bifata indi ntera bigahinduka ***« iruba rya kinyamaswa »*** (passion animale) aho umugabo asigara atakinyurwa n'uwo bashakanye, ahubwo akararikira abandi agira ngo arebe ko yahaza irari rye. Umugore na we ntibimusiga amahoro, kuko uko umugabo agiye mu rugendo ruzamara iminsi atangira kwibaza ukuntu umugabo we azitwara, cyangwa yaba ari umugore ugiye mu butumwa agahangayikishwa n'ibyo mugenzi we azasigaramo. Ntashobora kumwiringira, kuko atamuziho kwitegeka no kwiyubaha.

**d. Igihe umugore yemeye byose**

Abagabo nibasohoza ibyo Kristo yavuze kandi bakagira umutima wera bizagaragarira mu miryamanire yabo n'abo bashakanye. Niba umugabo afite umutima wari muri Kristo ntazaba umurimbuzi w'umubiri. Imibonano y'abashakanye ishayishije izamaraho urukundo rwo gusenga Imana kandi bizatuma imbaraga zo mubwonko zitunga umubiri zigabanuka

ndetse bitere umubiri kunanirwa. Nta mugore ukwiriye gufasha umugabo we muri uyu murimo wo kwirimbura. Igihe umugore amenyereje umugabo we atyo, ingaruka ikomeye itazabura kumugeraho n'uko azata agaciro imbere y'umugabo we asigare ameze nk'igikoresho cyo kwishimisha. Umugabo azamubona nk'utazi kwitegeka kandi utagira umutimanama. Bene uwo mugore ababaza Imana kuko nta cyo aba afashije umugabo we mu murimo wo kugabanya irari n'iruba rya kinyamaswa. Kwemerera umugabo we igihe cyose yibwiraga ko ahari bizamwubakira ariko dore biramusenyeye kuko aho kugirango umuriro w'irari rimugurumanamo ushire ahubwo uriyongera. Bidatinze azarambirwa umugore we maze ajye gushaka abandi. Uriya muriro ntahandi uzagarukira keretse gutwika nyirawo agakongoka. « *Bene iryo rari riratwita rikabyara icyaha, icyaha nacyo kimaze gukura kikabyara urupfu* (Yakobo 1 : 15) »

« *Abagabo bakwiye kuba abigengesera, bitonda, badahubuka, bakiranuka kandi bagira impuhwe. Bakwiriye kugaragaza urukundo n'ibambe* ». ***(Inama Zigirwa Itorero II, pp.44-47).***

**e. Guhitamo inzira y'imishyikirano**

Nta n'umwe mu bashakanye wemerewe kwiyima mugenzi we. Umugore cyangwa umugabo ashobora kwibwira ko uburyo bworoshye bwo guhana mugenzi we ari ukumwiyima rwose

kugirango amwumvishe. Ijambo ry'Imana rivuga neza ridakikira riti : *« ntimukiyimane keretse ahari mufite ibihe by'amasengesho no kwiyeza kandi na bwo ntimugatinde gusubirana kugira ngo satani atabaca urwaho »*(.1 Abakorinto 7:2-5)

Umugabo ahe umugore we ibimukwiriye kandi n'umugore nawe abigenze atyo k'umugabo we, kuko umugore adatwara umubiri we ahubwo utwarwa n'umugabo we kandi n'umugabo adatwara umubiri we ahubwo utwarwa n'umugore we (1Kor 7 : 3-5). Nubwo bimeze bityo, kirazira ko umwe yahinduka igikoresho cy'undi cyo kwinezeza. Niba umugore afite urukundo nyakuri n'ubwenge, azashaka uko yahindura ubwenge bw'umugabo we, abuvanemo kwishimira irari ry'ibibi amuteremo kwishimira ibyo hejuru by'umwuka binejeje.

Ibyaba byiza ni ukumuhendahenda yicishije bugufi mu nzira y'urukundo n'ubwo byatera umugabo we kumurakarira biruta ko yakonona agaciro k'umubiri we abitewe no kuryamana birenze urugero. Akwiriye kumwibutsa mu buryo bwiza kandi yicishije bugufi y'uko mbere ya byose Imana yitaye ku kubaho kwe kandi adakwiriye gusuzugura ibyo Ishaka kuko azabibazwa ku munsi ukomeye w'Imana. ***Inama Zigirwa Itorero II, pp.45-46.***

Umugore ufite ikinyabupfura n'ubwenge azashobora kweza umugabo we muri ubwo buryo. Naramuka abigenje atyo, azabasha kwikizanya n'umugabo we bityo abe akoze umurimo urimo ibiri. « *Namwe bagabo ni uko mubane n'abagore banyu mwerekane ubwenge mubyo mubagirira kuko bameze nk'inzabya zidahwanije namwe gukomera kandi mububahe nk'abaraganwa namwe ubuntu bw'ubugingo* ». (1Petero 3 : 7).

**Ibaze** :

Mbese hari igihe abashakanye batemererwa gukorana imibonano mpuzabitsina ku buryo babikoze byababera icyaha? Niba icyo gihe kibaho ni ryari? Kugirango bikorohere gusubiza ibi bibazo, wakwifashisha ingero zikurikira dusanga mu ijambo ry'Imana:

- ***Ubwo abisirayeli*** biteguraga kujya kubonana n'Imana ku musozi Sinayi, bagombaga kwiyeza ku mutima no ku mubiri maze Mose arababwira ati: "Ejo bundi muzabe mwiteguye, kandi ntimuzaryamane n'abagore banyu" (Kuva 19:15: Bibiliya Ijambo ry'Imana).
- ***Uria*** ntiyari yemerewe kuryamana n'umugore we Batisheba (kuko igihugu cye cyari mu ntambara)

bona n'ubwo bari kumusindisha bate ! Soma I Samweli 11:11-13

- ***Dawidi n'ingabo ze*** bari bemerewe kurya ku mitsima yejejwe yo mu buturo bwera yagenewe abatambyi kuko bari baririnze abagore babo, ikimenyetso cyo kwiyeza. Soma I Samweli 21: 2-6.

# IGICE CYA 7

## *MBESE KUBONEZA URUBYARO NI NGOMBWA ?*

*«… Umuntu ashobora kubyara abana ijana kandi akaramba. Ibyo byamumarira iki niba ataguwe neza, ndetse yapfa akabura gihamba? »*

*(Umubwiriza 6:3: Bibiliya Ijambo ry'Imana)*

## VII. MBESE KUBONEZA URUBYARO NI NGOMBWA ?

Mu gihe umusore atangiye kurambagiza umukobwa ngo bazarwubakane, baba bakwiriye kuganira kandi bakumvikana mbere umubare w'abana bazabyara n'igihe bazababyaramo. (Planning familial).

Mbere yo gushyingirwa bakwiye kuba bafite imyumvire imwe kubigendanye n'abana bazabyara. Kubivuganaho gusa ntibihagije ahubwo igikwiye ni ukubifatira ingamba zihamye kuko amareshya-mugeni atariyo amutunga. Abitegura kubana baba bakwiye kuzirikana ko igikurikira gushyingiranwa kwabo ari imbuto z'abana bazashyira mu isi. Uko byagenda kose abo bana bazongera umunezero w'abashakanye cyangwa babe intandaro y'umubabaro n'amakimbirane mu rugo.

Mu gihe mu rugo rushya baba bakeneye kwiyubaka bihagije no kugera ku iterambere rirambye ry'umuryango, rimwe na rimwe ibyo bari barateguye bakirambagizanya, ntibatinda kubona ko no kongera kubivuga ari nko guca umugani ku manywa y'ihangu (Batir des châteaux en Espagne) kuko mu myaka mikeya gusa, bibona bakikijwe n'umukumbi w'utwana duto, duhora duhanze amaso ababyeyi, dutegereje ko batugaragariza impuhwe n'urukundo. Abajyaga bakunda iyi mvugo (itarimo ukuri) ngo « ***Nimusubireyo nta mahwa*** »,

niba barabyaye ntibayobewe ko amahwa ahari ndetse ahanda cyane. Kubyara rero si iraha ahubwo ni inshingano iremereye.

Hari abo usanga bavuga ko bazabyara ngo bakuzuza isi kandi bakitwaza ko ngo ari Imana yabivuze ! Igishimishije n'uko muri iki gihe abafite iyo myumvire bari kugenda bagabanuka cyane. Abagitsimbaraye ku mugambi wo kubyara bakuzuza isi (uretse ko batazanabishobora) bazuzuza ibyumba by'inzu zabo gusa basigare bibaza uburyo bwo kuyagura kuko isi yabo izaba yuzuye.

Ese ko abakurambere baragaga abana babo ibikingi n'imisozi, ubu twebwe tubyara tumaze gushyira amafaranga angana iki kuri konti yo kuzarihira abana bacu kuva mu ishuri ry'incuke kugeza muri kaminuza ? Ese niba tudashaka kumva uburemere bw'iki kibazo, iminsi yo ntizatwigisha ?

**a) Icyo kuboneza urubyaro ari cyo :**

Iyo bavuze kuboneza urubyaro, icya mbere kirebwa si umubare w'abana uzabyara ahubwo ni ubushobozi ufite bwo kubarera kandi ukabakuza bakabona ibyo bateganirizwa n'amategeko arengera abana ku isi.

Kuboneza urubyaro ni ukubyara umubare w'abana wifuza kandi ukababyara mu gihe wifuza. Mu ijambo rimwe ni uguteganyiriza abo uzabyara ukaba wiringiye ko bazabaho

neza waba uriho cyangwa utakiriho. Tukiri kuri iyi ngingo, umuntu yakwibaza iki kibazo cyoroshye gusubiza kandi gikomeye : « ***mbese umuntu utunzwe no gusabiriza umuhisi n'umugenzi, akambikwa na bo, aramutse abyaye umwana umwe gusa utagira uwa kabiri yaba aboneje urubyaro*** »?

Mbere yo gusubiza iki kibazo, tubanze dushyire akantu kose mu mwanya wako : Mbese niba uyu muntu atunzwe n'abahisi n'abagenzi uwo azabyara azamumarira iki ? Ese azamugaburira ? Ese azamwambika ? Ikigaragara n'uko azahita atoza uwo mwana umwuga we. Kandi naba ari umukobwa azamwigisha kwicuruza naba ari umuhungu amwigishe kwiba kugirango babone imibereho! Igisubizo rero kirigaragaza rwose : ***umuntu nk'uyu ntiyemerewe kubyara kuko uwo azabyara nta cyo azamumarira ahubwo ijuru rizamubona nk'umunyabyago n'interagahinda. Guhemukira ikiremwa nk'icyo ni icyaha cy'ubugome (crime) kitazabura gukurikiranwa n'Uwiteka.***

**b) Imana, urugero rwiza rwo kuboneza urubyaro.**

Mu gitabo cy'itangiriro igice cya mbere, ntitubona gahunda y'icyumweru cy'irema gusa ahubwo tunabonamo Imana nk'urugero rwiza rwo kuboneza urubyaro no guteganyiriza abo uzabyara.

Ingero :

- ***Ku munsi wa mbere***, Imana yaremye umucyo iwutandukanya n'umwijima kuko yari iziko umuntu azakenera gukora kandi agakenera no kuruhuka ;
- ***Ku munsi wa kabiri*** Imana yaremye isanzure, igabanya amazi yo munsi y'isanzure n'ayo hejuru yaryo kugira ngo umuntu ajye anezezwa no kugira icyo areba hejuru ye ;
- ***Ku munsi wa gatatu***, Imana yatandukanyije amazi n'ubutaka bwa butaka ibumezamo imbuto z'amoko yose kuko yari izi ko umuntu azasonza agakenera ibyo kurya n'ibyo kunywa ;
- ***Ku munsi wa kane***, Imana yaremye ibiva (ibinyarumuli) bitandukanya amanywa n'ijoro kugira ngo umuntu azamenye ibihe, ashobore kubara iminsi, amezi n'imyaka ;
- ***Ku munsi wa gatanu***, Imana yashyize mu mazi ibinyabuzima nk'amafi yo gutunga abantu, naho mu kirere ihashyira ibiguruka uko amoko yabyo ari kugira ngo bijye biguruka mu kirere bihimbaza umuremyi, maze umuntu arusheho kunezezwa n'uko atari wenyine ku isi ;
- ***Ku munsi wa gatandatu***, Imana imaze kubona ko ibyo azakenera byose byamaze kuboneka, iherutsa umuntu. Umuntu amaze kuremwa mu ishusho y'Imana, yagizwe

umutware wa bya bindi byose kandi bitegekwa kujya bimwubaha ndetse bikamwumvira. Umuntu rero ni we waremwe nyuma y'ibyaremwe byose ku isi ariko mu bitekerezo by'Imana akaba uwa mbere kuko biriya byose byaremwe bitegurirwa umuntu. Imana ntiyaremye umuntu ngo nagera ku isi azishakire imibereho ahubwo ni yo yanamuteguriye ubuzima bw'ahazaza. Ntabwo umuntu yashije ikibanza ngo asabe se umuganda ahubwo yinjijwe mu rwuzuye ategekwa kubirinda no kutabyangiza. Nguwo umunani w'Adamu, umuhungu w'Imana.

- ***Umunsi wa karindwi :*** byari ibirori byo kwishimira igikorwa cy'irema n'ubukwe bwa Adamu na Eva. Abakurambere bacu.

**IBAZE** : Mbese, iyo umuntu agira ibyago akaremwa ku munsi wa mbere cyangwa uwa kabiri yari gutungwa n'iki ko ibyo kurya byaremwe ku munsi wa gatatu ? Dukomoka ku Mana ireba kure cyane.

Ku bw'ibyo rero, dukurikije urugero Imana yatanze nk'umubyeyi wa mbere, umubyeyi wese (yaba umugabo cyangwa umugore) yagombye kubyara yaramaze gutegura neza ahazaza h'uwo azabyara.

**c) Uko ingabo za Satani ziboneka.**

Igihe abashakanye bemeye kuyoborwa n'umunezero uturuka kw'iruba n'irari rititangira, ingaruka ntizatinda kuboneka. « *Kugira ngo mu maboko y'umubyeyi hajye habonekamo agahinja uko umwaka utashye ni ukumugirira nabi bitavugwa. Ibyo byonona kandi bigabanura umunezero w'abo mu nzu maze bikongera ubutindi mu rugo. Bibuza Abana kurerwa neza no kwigishwa. Igihe umubyeyi afite amagara make kandi acogoye mu mutima, agira atya akabona agoswe n'umukumbi muto atabasha kurera nk'uko bikwiriye. Babura ibyigisho bakwiriye bagakurira gukoza Imana isoni no gufatanya n'abandi ibibi bya kamere yabo, maze uko akaba ari ko ingabo satani yishimira gukoresha ziboneka* ». ***Inama zigirwa Itorero***, pp. 63-64

Abo bana ntibazabuza amahoro iwabo gusa, ahubwo bazayabuza n'abaturanyi babo. Bazajya biba utuntu two mu baturanyi bazane iwabo maze intonganya zibe urudaca. None se, umwana utinyuka gucunga ababyeyi n'abavandimwe be basinziriye, akabyuka saa munani z'ijoro gupfundura amasafuriya no guhurumba uturaye, amaherezo nakura atyo azabuzwa n'iki guterura inkono z'abandi igihe badahari ?!!

**d. Nuvuga A jya uvuga na B.**

Iyo abantu bateze amatwi umuntu uri kuvuga disikuru (ijambo ryanditse), iyo atangije A abamwumva baba biteze byanze bikunze kumva na B. Aramutse atavuze B kandi yavuze A, abamuteze amatwi bayimwishyuza kuko A na B bigendana Kuvuga A ni ugushoza urugamba, kuvuga B ni ukururwana. Igihe abashakanye biyemeje kubyara, baba biyemeje no kurera. N'ubwo Imana izababa bugufi kugira ngo ibunganire si Yo ya mbere ikwiriye kubazwa imibereho y'abo bana kuko atari Yo iba yababyaye. None se nta bana bapfa bazize indyo mbi cyangwa kubura icyo barya ? None se Imana ntiba ihari ? Kuki itabagaburira? Igihe abashakanye babyaye umwana, baba bafashije Imana kurema bakaba ari bo bakwiye kuryozwa icyo kiremwa bashyize ku isi.

Hari abavuga ngo ni Imana yababyaye izabarere kandi ibagaburire kuko ari abayo ! Abavuga amagambo nk'ayo byerekana ko ibibazo biba byabarenze bameze nk'abataye umutwe. Nubwo bimeze bityo Imana ntizigera ikora inshingano y'umuntu. Izakora uruhare rwayo nk'Imana ariko umuntu na we azakora uruhare rwe nk'umuntu.

Twibuke ko mbere y'uko azura Lazaro wari umaze iminsi ine mu gituro, Yesu Kristo yategetse abantu kubanza gukuraho

igitare bari bamushyizeho, barangije uwo murimo Yesu na we abona kuzura uwo bahamyaga ko yamaze kubora no kunuka. (Yohana 11 : 39) Inshingano yo kurera abana bacu itugeretse ku mutwe twabyemera cyangwa tutabyemera.

Kuboneza urubyaro ni ngombwa. Bigirira akamaro umubyeyi kuko adasaza vuba agahorana itoto ; bituma abana babona ibyo bagenerwa bityo ntihabeho gucuranwa ; byongera umutungo mu rugo bityo umuryango ukagera ku iterambere rirambye ; byongera ubwumvikane hagati y'abashakanye kuko babona umwanya wo kwiyitaho (cyane cyane umugore) gusohokana, kubwirana utugambo tw'urukundo no kurebana akana ko mu jisho bishimira uguhuzwa kwabo ; byoroshya ibibazo byerekeranye n'uburere bw'abana, amashuri yabo n'ibindi. Isi yacu ntikeneye abana b'utudayimoni duto ikeneye abana b'Utumalayika duto.

# IGICE CYA 8

# URWANGO SATANI YANGA UMURYANGO

*« ....naho wowe wa si we na we wa nyanja we mugushije ishyano kuko Satani yabamanukiye afite umujinya mwinshi azi yuko afite igihe gito »*

Ibyah. 12 :12

## VIII. URWANGO SATANI YANGA UMURYANGO

Nta kintu Satani atinya nko kubona umuntu yubatse urugo. Satani azi neza ko iyo muntu ashyingiwe (yaba umuhungu cyangwa umukobwa) aba agiye kubona umunezero wuzuye Imana yateguriye ikiremwa muntu. Mwibuke ko Imana yavuze ko atari byiza ko umuntu aba wenyine. Umusore warinze ubumanzi bwe agashyingirwa aba ahawe ikamba ryo kwitwa umugabo akaba yinjiye mu rugaga rw'abagabo bubatse. Umukobwa warinze ubusugi bwe agashyingirwa na we ahabwa ikamba ryo kwitwa umugore akinjira mu rugaga rw'ababyeyi bubatse maze bombi bakemererwa kwinjira mu isi idasanzwe y'abashakanye aho baba bagiye kujya barya ku matunda y'umunezero w'umuryango.

Ariko uzi kwitsamura hakabura ukubwira ngo urakire ?;Uzi kurara butunda wiyorosoye utabizi ukabura ukorosa ? ; Uzi kurara uhiritira mu buriri warembye ukabura ukubaza ngo umeze ute ? *« Ababiri baruta umwe kuko iyo baguye umwe abyutsa undi ariko uguye ari wenyine atagira umubyutsa aba abonye ishyano. Maze kandi, ababiri iyo baryamanye barasusurukirwa.Ariko uri wenyine yasusurukirwa ate ? Umuntu n'aho*

*yanesha umwe ababiri bo bamunanira ». (Umubwiriza 4 :9-12).*

**a. Satani yanga Yesu by'umwihariko**

Satani ntiyanga umuntu kuruta uko yanga Yesu. Satani yanga Yesu, aramwanga akongera akamwanga ku buryo ibyo adukorera byose aba afite umugambi wo kubabaza Yesu no kumutera agahinda. Ahari ushobora kuba utari kubyumva neza ariko reka twifashishe uru rugero : Mbese iyo umurozi yishe umwana w'uruhinja, uwo aba yanga cyane ni nde hagati y'umubyeyi n'umwana ? Byumvikane ko ari umubyeyi we. Yemwe n'iyo uwo mugome amenyekanye, akenshi yivugira ko umugambi we wari ukubabaza ababyeyi be kuko abafiteho ikibazo. Satani rero ntiyanga umuntu kuruta uko yanga Yesu. Izina yitwa riramukwiye kuko mu rurimi rw'ikilatini « Satana » bisobanura umwanzi w'Imana n'abantu.

Ushobora kwibaza uti : Ese Satani apfa iki na Yesu ? Akiri Lusiferi, yagiriye ishyari umwana w'Imana maze agerageza kubihisha ariko ntibyamuhiriye kuko icyo cyiyumviro cy'ishyari cyakomeje kugurumanira mu bitekerezo bye kugeza ubwo gisandara. Ezekiyeli 28 :13 -19. Nyirabayazana rero yaje kuba inama yo kurema umuntu Lusiferi atatumiwemo na we ngo atange ibitekerezo bye nk'uhagarariye abamalayika. Ubwo

byahereyeko bidogera, Lusiferi ashoza urugamba ariko araneshwa maze yirukanwa mu ijuru ry'Imana hamwe n'abamalayika bamuyobotse. (Ibyahishuwe 12 : 2-9).

Satani ni umwanzi wa Yesu by'umwihariko kubera izi mpamvu eshatu zikurikira :

- *IYA MBERE* : Akiri mu ijuru yifuje umwanya wa Yesu wo kwicira iburyo bw'Imana ngo areshye na Yo arabibura ahubwo anyagwa n'umwanya yari afite wo kuba umukuru w'abamalayika ;
- *IYA KABIRI* : Kuba Data wa Twese yarajyanye n'umwana we mu nama yo kurema umuntu Lusiferi agasigara, byatumye agambirira kuzamwivugana uko bizagenda kose;
- *IYA GATATU* : Satani agize amahirwe yo kugera ku mugambi we mubisha wo kwivugana wa muntu ijuru ryose ryakundaga, yongeye gutangazwa n'uko Yesu Kristo byamuvanye mu ijuru amutera mu isi abohoza wa muntu, arabambwa wa muntu arabamburwa (Yohana 12 : 32 ; Abafilipi 2 : 6-11).

Icyo gikorwa cyo gucungura umuntu cyababaje Satani cyane maze urwango yanga Yesu rwikuba inshuro nyinshi kandi ruhinduka inzigo. Satani yanga Yesu, akanga umuntu

n'uzakomoka ku muntu wese kuko amufiteho urwibutso rubi : umuntu ni we wabaye intandaro yo kwirukanwa mu ijuru kwa Satani kandi ntazongera kurica iryera mu gihe umuntu we ari gutegurirwa kujya kwibera muri ubwo bwiza. Nonese ubona yamukunda ate ?

**b. Satani yanga umuryango**

Ku bwa Satani ntiyagombye kubona umuntu agenda ku isi. Ariko igihe bitamushobokeye yifuza kumubona ari ingaragu ndetse ubuzima bwe bwose.

Igihe Satani arwanyije umuntu ngo atagira umuryango aba azi icyo akora. Uzabona umusore yikundaniye n'umukobwa ndetse biyemeje kunoza umubano wabo no kwibanira ubuzima bwose. Urwo rukundo rwabo ni rumenyekana, hari abo bizababaza bahekenye amenyo, imitsi yo mu gahanga ibyimbe, bamwe batangire kubura ibitotsi abandi bananirwe ibyo kurya, batangire umushinga utagira inyungu wo kwica ubukwe. Iyo migambi mibisha izabatwara igihe n'umutungo kuko bazaba bibwira ko bashobora kwica ubwo bukwe. Nyamara bazatangazwa n'uko amazi menshi atazimya urukundo, ko ndetse n'inzuzi zitarurenga hejuru ! ***(Indirimbo ya Salomo 8 :7).***

### c. Kubaka urugo bisaba kwiyemeza

Abahanga bavuga ko kuva mu kuba ingaragu ukubaka urugo bimeze nk'umudugudu wagoswe, abari inyuma yawo bamaranira kuwusakiza ngo basangemo ab'imbere babatsindemo n'abarimo imbere bamaranira kuwusohokamo ngo bakize amagara yabo. Nimwirebere namwe uburyo uwo mudugudu uhinduka isibaniro.

Mwebwe abikundaniye ariko ubu mukaba mwibasiwe namwe mugenzure icyo muri kuzira. Dore intwara -magambo za Satani zahagurutse, bamwe batangiye kukwereka ko utashishoje, ngo ingaruka ni zikugeraho ntuzabitakane. Hari abazagutelefona, hari abazakwandikira, hari n'abazagusanga bakwibwirire ndetse bakwiyama n'iterabwoba ryinshi. Ni batakubwira ko umukobwa wawe ari icyomanzi kimaze gukuramo inda gatatu kose, bazabwira fiyanse wawe ko uwo musore ari ikirara cy'umusinzi ufite abana imihana yose bamwita Se !!

Igihe mutangiye kubona bene nk'ibyo ntimuzabaririze, uwo ni Satani uhangayikishijwe n'uko mugiye kubaka urugo. « Niba abasore n'inkumi basengaga kabiri ku munsi, igihe bataratekereza ibyo gushyingirwa, noneho bakwiriye gusenga kane mu munsi mbere yo gutangira iyo ntambwe. Gushyingirwa ni ikintu kizareshya ubugingo bwawe

kikabuhindura, ukiri mur'iyi si no mu isi izaza. Umukristo w'ukuri ntazatera iyo ntambwe ikomeye adafite ibihamya bidashidikanywaho ko ayobowe n'Imana ». ***Ubutumwa ku basore, page 456.***

Uko byagenda kose, mujye mubiganiraho kandi musenge. Intambwe ijye iterwa mu bwitonzi no mu bushishozi bukomeye. Igihe kizagera itariki y'ubukwe igere nta rutangira, intambara z'amagambo zizashira, umukwe atware umugeni we izuba riva. Umugeni azaba yaberewe bitabaho aho n'uwamwibyariye azaba yifuza gukomaho akajisho ngo yirebere. Ababakunda bazabashagara umunsi wose bawubaharire mwabaye nk'ibikomangoma. Amakorari azabaririmbira, abakunzi babahe impano babifuriza urugo ruhire rurimo amata n'ibibondo. Muzinjira mu rugo rwanyu muherekejwe, mutwikururwe mumenyere, ubuzima bukomeze.

Uko muzajya mwibuka intambara mwanyuzemo kugira ngo mubane, ikiniga kizajya kibafata maze muvuge muti warakoze Mana!!! *"Iyo Uwiteka ataba mu ruhande rwacu ubwo abantu baduhagurukiraga, baba baratumize bunguri turi bazima; ubwo umujinya wabo wacanwaga kuri twe, amazi aba yaraturengeye rwose, isuri iba yaratembye ku bugingo bwacu. Uwiteka ahimbazwe We utadutanze ngo tube umuhigo w'amenyo yabo".* (Zaburi 124 :2-6).

Abagerageje kubicira ubukwe ntimuzagire uwo mwikoma muzababababarire, baba basabye imbabazi cyangwa batazibasabye kuko na bo atari bo. Ntibashobora gusobanura ibyo bari barimo cyangwa imbaraga yabakoreshaga, gusa mujye mumenya ko Satani wari ubari inyuma mutarabana ntaho yagiye. Azahindura imikorere maze ajye abasekuranya imitwe mutabizi; impaka zidafite impamvu ifatika zizajya zitangira buhoro buhoro, nyuma ni zikomeza zihinduke intonganya zishobora guherukwa n'imirwano. Abo ni abashyitsi b'abadayimoni muba mwacumbikiye mu rugo rwanyu. Harya abashyitsi nk'abo hari uwabifuza? Uwiteka avuga yeruye ati: *"Gusharira kose n'uburakari n'umujinya n'intonganya no gutukana hamwe n'igomwa byose bibavemo, mugiririrane neza mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yababababariye muri Kristo; nimurakara ntimugakore icyaha, izuba ntirikarenge mukirakaye."* (Abefeso 4 : 26-32).

# IGICE CYA 9

# *ZIMWE MU MPAMVU ZISENYA UMURYANGO*

*« Nicyo gituma umuntu azasiga Se na Nyina akabana n'umugore we akaramata bombi bakaba umubiri umwe.... Nuko icyo Imana yateranyirije hamwe umuntu ntakagitandukanye »*
*(Matayo 19 :5-6)*

## IX. ZIMWE MU MPAMVU ZISENYA UMURYANGO

Abantu benshi bemera ko ubusambanyi ari icyaha gikomeye mu bashakanye kandi ni ko biri koko. Nyamara hari n'izindi mpamvu zishobora gusenya urugo ndetse zikaba nyirabayazana mu gukurura ubwumvikane bucye mu muryango. Zimwe muri zo ni izi zikurikira :

### a. Kutaganira n'uwo mwashakanye

Umuntu yaremwe ku buryo ahorana amatsiko (curiosité) kandi agashaka gusobanukirwa ibyo areba cyangwa yumva (information). Iyo agize amatsiko akabura uyamumara, ashobora kugwa mu ngorane yo gucyekacyeka, no guca imanza zo mu mutima. Jya umara amatsiko uwo ukunda kuko uko uyagira na we ni ko ayagira.

<u>Urugero</u> : Igihe wagendanye n'uwo mwashakanye, mukaba mugiye guhura n'umuntu atazi ariko wowe muziranye, jya umubwira uti : uriya mukobwa cyangwa umusore tugiye guhura, twariganye cyangwa se turakorana. Ni muhura mugatindana gato, mugenzi wawe azaba yikomereza kuko muzabazanya udukuru twinshi two mu myaka myinshi ishize mutabonana.) Ariko se nutamusobanurira mbere bizagenda bite ? Gufureka bitewe no kugufuhira, inshyuro zivanze no

guca imanza ku byo yabonye : ubonye ukuntu amuramukije ? Ese iyo ntahaba , byari gucura iki ? Ariko uriya ni nde? bamenyanye bate ? Ikosa rya mbere si iry'uwo urimo gucyeka-cyeka ahubwo hakosheje wowe wananiwe kumara amatsiko mugenzi wawe. Kubaka urugo rero ni ishuri rihoramo amasomo mashya. Ni ikintu kibabaje kubona umuntu ashobora gusenya azize kutamenya itumanaho (manque de communication.)

Jya ubwira mugenzi wawe udukuru tudasanzwe. Muterere urwenya maze museke mwembi mukwenkwenuke kuko uwo ni umwe mu miti ivura (Imigani17:22)
Ahari wakwibaza uti: Ese bivura iki? Umubabaro yagize mutari kumwe ugenda nka nyomberi. Jya uzana igitabo cy'amafoto (Album) murebere hamwe amafoto y'ubukwe, mukiramba-gizanya cyangwa muri mu kwezi kwa buki, mukirebana akana ko mu jisho (ku bayafite). Byongera kubaka urugo kuko muhita mwibuka ibihe mwanyuzemo n'uburyo Imana yabahuje. Umwe azabwira undi ukuntu yajyaga atelefona mugenzi we bakirambagizanya ikarita y'ibihumbi bibiri na magana atanu yose igashira aho kubabazwa n'ayo mafaranga agiye mu minota itageze ku icumi akababazwa n'uko abuze aho agura indi ya kabiri!

Hari uzibutsa mugenzi we ukuntu bajyaga baherekezanya bakananirwa gusezeranaho cyangwa ukuntu umunsi umwe imvura yigeze kubanyagira bahagaze mu nzira

maze ibahitiraho batibutse kugama. Wari uzi ko mu biganiro ari ho umwe aboneraho kuregera mugenzi we?

**Urugero**: umugore ashobora kubwira umugabo we uburyo umugore w'umuturanyi yiriwe amutuka akamwandagaza.Umugabo akamuhumuriza amuhoza ati icecekere Chérie, yahemutse rwose kubona aguhangara rwose birababaje. Umugabo nawe ashobora kubwira umufasha we ingorane yagize ku kazi, impanuka yari agiye gukora cyangwa uko yakoze yizeye guhembwa ntahembwe. Mu bashakanye umwe umwe ni igituro gishyingurwamo umubabaro n'agahinda by'undi.

**Icyitonderwa**: Igihe utashye ufite umubabaro watewe n'aho wiriwe cyangwa ugasanga uwiriwe i muhira yahuye n'ibibazo, ntukabiture uwo mutiriranywe. Mukimara kubonana, bwira mugenzi wawe uti "**wihangane si meze neza**". Iryo jambo rirahagije kuko mugenzi wawe na mbere aba yabonye ko utanezerewe. Bituma amenya uburyo akwitwaraho kandi akakugirira impuhwe, akaguhereza icyo unywa, akagushyuhiriza utuzi two gukaraba, akakugaburira, akakwereka aho uruhukira n'ibindi bityo intimba zikagabanuka, ukamutekerereza ibyakubayeho n'uburyo umunsi wakubereye mubi, akagukomeza, mugasenga, bikibagirana. Iyo urakariye uwo mutiriranywe utuma ahangayika agatangira kwibaza icyo yagucumuyeho ngo agusabe imbabazi mwikiranure kandi mu

by'ukuri ari umwere ku byakubayeho. Ibyo biramuvuna kandi uba umuhemukiye.

**b. Iyo agashirira katazimijwe**

Iyo umuntu ahushye igishirira kiraka, yagiciraho kikazima, ibyo byombi kandi bikaba bikozwe n'umunwa we ! Impaka zizanwa n'akantu gato kandi intonganya zigahemberwa no kutamenya kwigarura k'umwe mu bajya impaka. (Yakobo : 3 : 5) Nk'uko iyo agashirira gato gatarukiye mu igodora (matelas) cyangwa mu mwenda, gatangira kuyenga bucye bucye kugeza ubwo kihemberamo umuriro ubasha gutwika inzu yose n'ibiyirimo, ni ko n'impaka zidashira zibasha gusenya ingo. Mu gihe impaka zitangiye jya utanguranwa wemere gutsindwa ndetse usabe imbabazi z'amakosa utakoze cyangwa wicecekere. Icyo gihe mugenzi wawe azanezerwa n'uko atsinze kandi amahoro ahinde.

Ese mu by'ukuri, si ikintu kibabaje kubona abantu bakuze bashobora gupfa imbeba ibanyuze hagati bagasigara bajya impaka z'imfuruka yaturutsemo ?! Uwo ni umukino w'abadayimoni witwa guterana amagambo. Mu ijuru impundu zizavuzwa ku bwawe kuko ufite ubwenge bwo kugarura amahoro mu rugo. Gukiranuka kwawe kuzagushyira mu rwego rwo gusumba intonganya ufate izina ry'Umucuzi w'amahoro **« Peace maker : Faiseur de paix »** nk'Aburahamu ubwo

yabwiraga Loti ati « *He kubaho intonganya kuko turi abavandimwe* » (Itangiriro 13 : 5).

**Ibiranga abacuzi b'amahoro :**

- Mu mpaka bahora biteguye gutsindwa ariko amahoro agahinda. Ni byo twise gucira ku gashirira kari gatangiye kwaka
- Mu masake bahitamo kwibera « inkokokazi » kuko babaye amasake bombi barutwika izuba riva.
- Mu mavubi bahitamo kwibera « imisambi » bakaba abanyamahoro hagati ya ba kanyamahane.

Nk'uko Martin Luther King (umunyamerika w'umwirabura) yabivuze arwanya ivanguramoko n'amacakubiri, abantu bakwiye kubana neza nk'uko indabyo zibana (kandi zidahuje amabara) bitaba ibyo bagapfira gushira bose nk'abanyamusozi (il nous faut apprendre à vivre ensemble comme des fleurs sinon nous allons périr tous comme des imbecilles).

Ibaze : Mbese mu rugo rwawe ucura amahoro cyangwa ucura itiku? Niba atari ko biri, senga uti : « **Mana mfasha kugira ngo mbe uzana amahoro mu rugo, amen. »**

### c. Gucunga nabi umutungo w'urugo

Iyo umusore n'umukobwa biyemeje "kubana" urukundo rwabo barubwira ababyeyi n'inshuti maze imiryango

ikabaherekeza mu butegetsi kugira ngo na Leta ibe umuhamya w'urukundo rwabo. Mu gufatanywa kwabo, umutegetsi ubashyingira ababaza bombi kandi mu ruhame niba mu kubana kwabo bazakoresha ivanga-mutungo (communauté des biens) cyangwa ivangura-mutungo (séparation des biens). Abenshi bahitamo "**ivanga-mutungo**" kandi ni byo koko na bo ubwabo baba biyemeje kwivanga ubwabo (kuvanga amaraso, imibiri, ibitekerezo, amarangamutima, imishinga n'ibindi) maze bagahinduka umuntu umwe.

Iyo bamaze kubana, umwe agatangira gucunga umutungo mu rugo uko abyumva ntabanze kubiganiraho na mugenzi we, wa wundi utawucunga ntanagishwe inama ku mikoreshereze yawo, abona mugenzi we awucunga nabi kandi akawusesagura (Gaspillage). Uburyo bwiza bwo kumara iyo ngingimira ni ugukorera mu mucyo (Transparence). Igihe ukwezi gushize uwacunze umutungo natange raporo y'uburyo yakoresheje amafaranga (ibyasohotse n'ibyinjiye) ndetse niba bishoboka bishyirwe mu nyandiko.

Igihe amafaranga abonetse ni byiza nk'abashakanye kwicara hamwe bakayatera imirwi: **Urugero**:

- Icyacumi n'amaturo
- Ayo guhaha
- Ikode ry'inzu
- Amafaranga y'ishuri
- Kwishyura amadeni
- Imisoro
- Impanuka (imprévus)
- Kuzigama

Ndetse ushobora no guhereza mugenzi wawe utajya ahaha kugira ngo na we abatunge nk'ibyumweru bibiri, ahahe buri kantu kose na we yigeragereze, akore imibare imupfane nk'uko na we ijya igupfana. Birakwiye ko na we amenya ibiciro biri hanze aha ku isoko. Najyana ibihumbi bitanu kabiri agarukana ambalaje ituzuye kandi yayamaze azakubwira ati burya waragowe.

Dore ingero ebyiri ku bijyanye n'igenamutungo, n'uburyo wakoreshwa murugo. Buri wese akoreshe urugero ruhwanye n'ayinjira mu muryango we:

**IMBONERAHAMWE Y'ICUNGAMUTUNGO KU MUHINZI WO MU CYARO.**

| Ibikorwa murugo | Ibyinjiije umutungo | Ibyasohoye umutungo | Ubwizigame |
|---|---|---|---|
| Umusaruro wabonetse. | 100.000 | | |
| Icya cumi. | | 10.000 | |
| Amaturo | | 5.000 | |
| Guhaha[1] | | 30.000 | |
| Kwishyura amadeni | | 10.000 | |
| Ibikoresho by'ishuri | | 10.000 | |
| Ikarika ya telefoni | | 5.000 | |
| Kuzigama | | | 30.000 |
| **TOTAL** | **100.000** | **70.000** | **30.000** |

[1] Guhaha mu gitur age byunganirwa n'ibihingwa byejejwe.

[2] Amaturo :Umukristo niwe ugena amaturo yo kunganira umurimo w'Imana akurikije imigisha Imana imuha n'uburyo umutima we umuhatira kubikora

## IMBONERAHAMWE Y'ICUNGAMUTUNGO KU RUGO RW'ABAKOZI

| Ibikorwa murugo | Ibyinjije umutungo | Ibyasohoye umutungo | Ubwizigame |
|---|---|---|---|
| Umushahara w'umugabo | 200.000 | | |
| Umushahara w'umugore | 150.000 | | |
| Inzu yabo ikodeshwa | 50.000 | | |
| **Ayinjiye mu rugo yose** | **400000** | | |
| Icya cumi | | 40.000 | |
| Amaturo[2] | | 20.000 | |
| Ishuri n'ibikoresho by'umwana wiga ishuri ribanza | | 65.000 | |
| Guhaha | | 80.000 | |
| Ikarita ya telefoni | | 30.000 | |
| Kwishyura amadeni | | - | |
| Amazi n'umuriro | | 30.000 | |
| Guteganyiriza impanuka | | 50.000 | |
| Kuzigama | | | 80.000 |
| **TOTAL** | **400.000** | **320.000** | **80.000** |

Mu bijyanye no guhahira urugo, ni ikosa rikomeye cyane gukoresha amafaranga ibyo utayageneye ukiri mu rugo. Ibyo ni nko: kugura udukweto tw'umwana kuko ubonye dutambutse; kugura imyenda bitari muri gahunda y'uko kwezi. Ingaruka zo gukoresha umutungo w'urugo nabi, uretse no kuzana amakimbirane hagati y'abashakanye, bituma umuntu ajyamo amadeni atari ngombwa. Kuri buri rugero rwose umuntu ariho yari akwiye kubanza agatondeka ibikenewe kandi by'ingenzi, nyuma agahuza wa mutungo n'ibyo yapanze. Icyo gihe ibidashoboka bishyirwa ku murongo w'ibizakorwa mu kwezi. Mu ngo zimwe ingengo y'imari mu guhahira urugo ikorwa n'umukozi!! Ibyo rero ntibikwiye kuko iyo ari inshingano y'abashakanye.

**d. Impano cyangwa imfashanyo zitangwa zivuye mu rugo**

Ababyeyi b'abashakanye cyangwa abavandimwe babo bashobora guteza ingorane mu rugo. Hari abahora baza kubwira ibibazo umukobwa wabo cyangwa umuhungu wabo kandi buri wese akabikora mu ibanga azi ko yihereranye umwana we. Ibi bishobora kuzana ubwumvikane bucye, iyo umwe mu bashakanye amenye ko abo mu muryango w'aho yashatse baza buri gihe bazanywe n'ibibazo. Dore umuti:

Umugabo najyane n'umugore we mu cyumba amubwize ukuri kw'ikigenza muramukazi we cyangwa umugabo wabo, amubwire ati: Ni umunyeshuri, none bamwirukaniye

amafaranga y'ishuri. Ibyo bihumbi cumi byo kongera minerval unabihe umugore maze aze kuba ari we uyaha muramukazi we bamuherekeje. Uzi icyo uzaba umwigishije? Azagenda yibaza ati: ko ikibazo nagihishe umugore yakimenye ate? Bariya Bantu bamaze kuba umuntu umwe nta cyo bahishanya, bombi bamaze kuba umwe byararangiye. Umugore wawe azagira agaciro kwa Sebukwe kandi nyirabukwe na baramukazi be bamukunde kuko bafatanya gukemura ibibazo.

**Icyitonderwa**: Abana bafite inshingano yo gufasha ababyeyi babo bageze mu za bukuru. Igihe umusore cyangwa umukobwa yubatse urwe, ntakwiye kwibagirwa ababyeyi cyangwa abavandimwe yitwaje ko yamaze gushinga urwe. Hari abagabo batanga inka akenshi bari mu kabari cyangwa mu bitaramo batarabanje kubivugana n'abo bashakanye ahubwo bakabamenyesha nyuma. Ibyo ntibibaho kuko uwo mutungo uba utanzwe si uw'umugabo gusa, awufatanyije n'umugore.

### e. Kutavugisha ukuri

Niba hari akaga kabi umuntu ashobora kugira ni ugutahurwaho n'ugukunda ko "utari umunyakuri, kandi ko ukuri kutaba muri wowe. Ikintu cya mbere kiza mu mutwe we ni uko yibeshye kandi agata igihe cye akunda udakwiriye gukundwa. Iyo umwe mu bashakanye atahuweho kutavugisha ukuri, icyubahiro yahabwaga na mugenzi we kirayoyoka ntiyongere kuba umwiringirwa.

### Gutera igipindi

Gutera igipindi nibyo bita kubeshya umuntu ntarabukwe. Hari abo usanga bigamba ko bazi gutera igipindi kigafata, bakabyita ubuhanga. Nk'uko ntawuyoberwa umwibye ahubwo ayoberwa aho amuhishe, nushaka wirinde: Umuntu mubana wamubeshya inshuro imwe (akikwiga) ariko ntiwamubeshya kabiri. Impamvu n'uko akuzi neza kurenza uko wiyizi: Akuzi ushonje, akuzi urwaye, akuzi uri muzima akuzi warakaye, azi uko ubabara, azi uko wihangana, azi ubwoba bwawe n'ibindi. Rimwe na rimwe agufatira ibanga kuko ibyawe bimubabaza kandi agukunda, Ariko iyo bibaye ngombwa aragusomera akakubwira ibyawe, akabigushyirira ku murongo amatariki ku matariki ukumirwa.

**Ibaze:** Mbese mu kuri umwe mu bashakanye yagombye guhora yisobanura ahumbaguza cyangwa areba hasi kubw'ibinyoma nk'aho iwe ari kuri Burigade? Niba waratangiye

kujya uhora wisobanura pfukama usenge kuko wataye icyubahiro cy'umugabo, "umutware w'urugo" cyangwa umubyeyi "Mutima w'urugo".

Ese birakwiye ko telefone ihamagara ukajya kwihisha ngo uwo mwashakanye atumva uwo mwavuganaga, kuki utifuza ko amenya inyandiko wandika cyangwa wakira kuri telefone? Mbese wahangara gutiza telefone ya we igendanwa uwo mwashakanye akayirirwana? Ese mu by'ukuri uri umwiringirwa? Indwara yitwa "kubeshya" ni indwara ivurwa igakira iyo wayimenyeho. Cyakora ishobora gutinda gato ku bwo kubanza kwiyita umuhanga ariko iyo umaze kubona ko kububa kwawe kwamaze kubonwa n'uhagaze, wisubiraho nawe ukajya wigendera wemye. Niba wari utangiye kugira iyi ngorane bwira Yesu uti: "Mana nkorera icyo wakoreye Yakobo wari umubeshyi kabuhariwe agahinduka Isirayeli bisobanura igikomangoma cyangwa intwari y'Imana.

**f. Kutita ku nda y'uwo mwashakanye.**

Iyo abantu batashye ubukwe, bakurikirana imihango inyuranye, imwe ikaba ikorwa mu buryo bw'ikimenyetso (symbole) ariko ishushanya ukuri guhambaye. Muri gahunda yo kwakira abaherekeje umukwe n'umugeni bamwe bakunze kwita « reception », umukwe n'umugeni bereka ababyeyi

bari aho, inshuti n'Abavandimwe uburyo mu rugo rushya umwe azajya yita ku nda ya mugenzi we n'undi bikaba uko.

Umukwe ni we ubanza agatamika umutsima umugeni akamuha n'icyo asomeza maze amashyi ngo kaci kaci !! N'umugeni na we akabigenza atyo abantu bakanezerwa. Iyo bageze mu rugo , iyo gahunda irakomeza ariko ubanza hamwe na hamwe birangirana n'ukwezi kwa buki. Uko iminsi ishira indi igataha, haba igihe umwe mu bashakanye aba atakimenya ko mugenzi we yariye cyangwa atariye.

Hari abagabo barya muri Resitora, bataha bagatangira kwiyenza bashaka impamvu ifatika yo kutajya ku meza (kuko bahaze). Hari n'utonganira ko batinyutse kuzana ibyo kurya bitagira uburisho kandi azi neza ko nta posho aheruka gutanga. Wa mugabo we ukora ibyo, ntabwo Uwiteka ateze kukureba ijisho ryiza uhemuka utyo, kuko kwicisha inzara abo wiyemeje gutunga bizakuzanira umuvumo. Igihe kizagera Imana ikunyuze aho wanyujije abandi kuko uzumva uko inzara iryana. Nuburara kabiri ukabwirirwa uzavuga uti : Mana yanjye kandi Mwami wanjye mbabarira rwose kuko ubu menye ko nagejeje kure.*"kuko umunsi w'uwiteka uri hafi uziye amahanga yose, uko wagenje niko uzagenzwa, ibyo wagize bizagusubira ku mutwe". (Obadiya 1:15)*

Hari abagore batazirikana inda z'abatware babo. Umugabo akagera iwe saa kumi z'umugoroba kandi umugore azi neza ko saa sita atigeze aza mu rugo akikomereza imirimo ye yo gutegura ibya nijoro. Akenshi umugabo aba yayura kubw'umunaniro n'inzara, ariko umugore ntamenye icyo gukora. Iyo nyir'urugo abonye nta kintu cyo kuramizwa areba aho yigira hafi aho ategereje isaha yo kujya ku meza. Ariko se, wa mubyeyi we, koko n'ibintu byuzuye mu rugo, umutware wawe, yicirwe n'inzara mu rwe uhari ? Reka nkwibarize :

- Muby'ukuri, umwokereje igitoki ukagitunganya neza mbese yakirya cyangwa ntiyakirya ?
- Ese umukoreye umureti w'amagi atatu yawemera cyangwa ntiyawemera?
- Ese umuhaye icyayi, amata cyangwa Fanta ntiwaba umwunganiye igihe utarahisha ?
- Rimwe na rimwe umugabo ashobora kwicecekera nyamara yarenganiye mu rwe, umunsi yafashe icyemezo cyo kujya muri Hoteli umenye ko bazamutegurira biriya nawe afite mu rugo kandi abigure amafaranga menshi.

Ba Mutima w'Urugo, iyo ngingo muyigireho ubwenge. Jya wita ku nda y'uwo mwashakanye nk'uko nyokobukwe yakwita ku muhungu we. Yamutegurira turiya twose, yamwokereza ikijumba akagitunganya neza kandi yakirya.

Namwe batware b'urugo, mbashimiye ko iyo mutashye mwibuka umukati w'umwana, isukari yo mu cyayi cyangwa imbuto zabo. Ibyo ni byiza kandi Imana ibiguhere imigisha myinshi. Ariko se, aho ujya wibuka kugura ka keke (cake) karyoshye cyangwa ibisuguti (Bisuits) bya nyina w'abana. Harya ukunda abana kuruta uwo mwababyaranye?

Ariko mu by'ukuri, uguriye madamu wawe keke yayirya cyangwa ntiyayirya? Ahari azakubwira ko wamusuzuguye, umuzanira iby'abana ! Mbese ibyo bibaho? bigerageze ubikore gusa. Biranashoboka ko azakubwira ko yari ayikumbuye cyangwa ari, ubwa mbere ariye umukati uryoshye nk'uwo. Ikinezeza kuruta ibindi abona ko wamutekereje ukamuzirikana ukaba umutunguye kubw'impano umuzaniye.

**g. Ubwirasi no kwiyemera**

Umuntu umwe ubwo yageragezaga gusobanura ijambo kwirata yaravuze ati: "Kwirata ni ukwigira imvaruganda "Ruliba" utari na "Mpunyu". Nk'uko tubizi mu bwubatsi, itafari ryo mu rwego rwo hasi ni <u>Rukarakara</u> y'ibyondo. Iryo mu rwego rucikiritse, rwa kabiri ryahoze ari irihiye (mpunyu), iryo mu rwego rwa gatatu rigurwa n'abakire ni imvaruganda Ruliba. Uru rugero ruragereranya uburyo umwirasi afite ingorane ebyiri: iya mbere ni ukutimenya, iya kabiri ni ukwishyira hejuru.

Kuticisha bugufi buri gihe ni cyo gitera ingorane yo kwiyemera. Gusa icyagaragaye nuko umuntu wirata, akenshi na kenshi aba akeneye umurata ngo amuvuge ibigwi mu bandi akamubura, noneho yabura abamurata we akirata, ari byo kwanga ko ibyo wibonaho kandi wiyiziho n'abandi babikubonaho (Complexe).

Nk'uko tubizi, umuntu wiyemera ntashobora kuvuga ngo "***mbabarira***" n'iyo yacumura ate kuko kwiyemera kwe kutamwemerera ko ashobora gukosa. Kubana n'umuntu nk'uwo ntibigora gusa ahubwo binatera umujinya. Mu gitabo cye cyitwa "***Inyandiko za Kera, p. 119***" E.G. White yaranditse ati: "*ubwirasi no kwikunda bishyizwe ku ruhande mu minota itanu yonyine, ingorane zose zaba zikuweho*".

Hari abagabo bamwe badashobora kwemera ikosa ahubwo bagahitamo kugurira abafasha babo igitenge gihenze aho gusaba imbabazi: Aba bagabo baravunika cyane kuko umutima-nama wabo bitawubuza gukomeza kubaciraho iteka kubw'icyaha bakoreye uwo bashakanye kandi na nyir'ubwite agakenyera cya gitenge adatanze imbabazi. Koko rero icyo Bibiliya ivuga ni ukuri. Imbabazi ziruta urubanza kandi zikarwishima hejuru.

**Imfashanyigisho:** Hari igitekerezo cy'umugabo wirataga cyane kandi agakunda kwiyemera kuko yiyumvagamo

imbaraga. Umunsi umwe yahuye n'undi mugabo wigenderaga amwiyenzaho maze ku bwo kumuhohotera bararwana wa mugenzi wahohotewe aterura wa mugabo amukubita hasi maze atangira kumunigagura yamwicaye hejuru. Undi atangira kurerembura amaso ashatse gutabaza abo yajyaga yirataho, abivugana ukwiyemera kutari kugifite ishingiro ati: "*Ariko uyu muntu mwamunkuye hejuru ko nenda kumwica !*"

**Ikibazo**: Mbese uwabize ifuro amaso yagiye i mutwe ku bwo guhera umwuka yakwica umuntu cyangwa aba asigaje gato akuka kagahera!

# IGICE CYA 10

# KWIBERA INKOKOKAZI MU MASAKE

*« Ntazatongana, ntazasakuza kandi ntazumvikanisha ijwi rye mu nzira. Urubingo rusadutse ntazaruvuna kandi n'urumuri rucumba ntazaruzimya.....» (Yesaya42: 2-4)*

## X. KWIBERA INKOKOKAZI MU MASAKE

Abantu benshi bakunda kwibaza niba umuntu abasha kubana n'umuntu ufite ingeso mbi bigashoboka. Usanga bavuga bati: Ese koko, umuntu yamwihanganira kugeza ryari? Kwibera inkokokazi mu masake bivuga kwicisha bugufi, ukaba umunyamahoro kandi ukagwa neza ukaba umugwaneza ucisha make.

**Ikibazo**: Mbese koko umuntu ashobora kwicisha bugufi akarekura icyubahiro cye? Mbere yo gusubiza ikibazo nk'iki reka turebe niba kuri iyi si hari ababishoboye:

### a. Umucurabwenge Sokarate (Socrate)

Uyu muhanga w'umugiriki yabayeho hagati y'umwaka wa 470 - 399 mbere y'ivuka rya Yesu. Kubera ubuhanga bwe budasanzwe, yari yarageze mu ntera y'abitwa "abacurabwenge" (Philosophes). N'ubwo yari akomeye atyo, yubahwa n'abami, amateka atubwira ko yari afite umugore wamubereye ikigeragezo bitangaje. Abantu bakundaga kwibaza ukuntu umunyabwenge nka Sokarate yakomeza kubana n'umugore wahoraga amukoza isoni mu bashyitsi, kubera kamere ya kinyamaswa yari afite.

Igihe kimwe abitwa ba "Kazitereyemo" ntibihanganiye kutamubaza impamvu yashatse akagore kadafite uburanga,

gato kandi k'akagome. Ariko buriya bifuzaga kumuha iyihe nama? Burya rero, hari abantu bazi kwivanga mu bitabareba. Hakaba n'abigira ba "Nyirandabizi" kandi mu by'ukuri ari nta cyo bazi.

Aho kugira ngo uwo muhanga ababwire ko nta wemerewe kwivanga mu buzima bwe n'uwo bashakanye kandi babyaranye, yasubije ba "Rwivanga" yitonze ati : Harya, uhitishijwemo ibibi bibiri , watora ikihe ? Ntiwatora akabi gato ? Ngaha ahakomotse umugani uvuga ngo " ***ibibi birarutana***" (De deux maux, il faut choisir le moindre). Uyu muhanga uzwiho kwihangana cyane ni nk'aho yakababwiye ati : « jya uvuga ibikureba kuko niba narashatse akagore gato ni akanjye ariko mwebwe ho mufite ibigore bibi kandi binini.

Sokarate azwiho kuba yaragiraga kwihangana cyane. Umunsi umwe, umugore we Santipe (Xanthippe) yiyenjeje k'umugabo we ashaka ko barwana aramutuka, aramwandagaza, umugabo aramwihorera kuko yari azi ko iyo urugo rugututse ukarusubiza urusenya. Sokarate abuze aho ahungira kuko yinjiraga mu cyumba akamusangayo, yambara imyambaro myiza, afata n'ibitabo bye nk'ugiye kwigisha cyangwa gutanga ikiganiro mbwirwa ruhame. Nyamugore ntabonye agiye atavuze ndetse batarwanye kandi yabyifuzaga cyane ; icyo yakoze n'uko yafashe indobo y'amazi ayimucuriraho yose ayicishije mu idirishya ryo hanze.

Umugabo yahise agaruka mu nzu ako kanya yahindanye, ariko se, utekereza ageze imbere y'umugore we yakoze iki ? Yaramwenyuye aramwitegereza ati : Madame urebye inkuba n'imirabyo yarabyaga ubutitsa, rwose byagombaga gukurikirwa n'imvura nk'iyi inyagiye ! Ese ari wowe wari gukora iki ? Umuntu nagusesereza ashaka ko uvuga, jya uceceka kandi uzaba uvuze. Guceceka aho wagombaga kuvuga burya ni ubutwari kandi ni imvugo ihambaye. (le silence est éloquent ). Sokarate yabanye n'umugore we yakunze, babyarana abana batatu kandi ntacyabatandukanyije uretse urupfu. Jya ubana n'abantu bose amahoro, umuntu nakwanga wowe umukunde kandi abibone ko umukunda mu gihe we akwanga. « *Ikibi cye kukunesha ahubwo unesheshe ikibi icyiza* ». (Abaroma 12 : 21).

**b. Umukurambere Aburahamu**

Ubwo Aburahamu yahamagarwaga n'Imana ngo ajye mu gihugu izamwereka, ntaho dusoma muri Bibiliya ko Imana yigeze ibwira Loti ngo amuherekeze ahubwo Loti ni we wabyishakiye ku giti cye. (Itangiriro 12 : 1-4). Mu bantu barenga igihumbi babaga mu rugo rw'Aburahamu harimo na Loti. Ariko Loti arahangara yigira Isake mu rugo rw'abandi ashaka gutuka Aburahamu. Umuntu w'Imana Aburahamu abonye byakomeye, yibereye inkokokazi ituje aramubaza ati:

*"He kubaho intonganya kuri njye nawe no kubashumba bacu kuko turi abavandimwe"* (itang. 13:8)

Mu kuvuga atyo Aburahamu yibwiraga ko namwibutsa uburyo isano bafitanye iruta amasambu, Loti ari bucishe make, ariko biranga biba iby'ubusa. Byabaye ngombwa ko amuhitishamo aho ashaka hose mu gihugu ariko amahoro agahinda. N'ubwo Loti ari we wahisemo, si we wagombaga guhabwa inda ya bukuru kuko Imana itigeze imuha icyo gihugu. Uwiteka ati: "*Ibyo urabikora nkakwihorera ukibwira ko mpwanye nawe rwose ariko nzaguhana mbishyire imbere y'amaso yawe uko bikurikirana* (Zab: 50: 21). Imana ibonye Aburahamu amaze kunyagwa igice cy'igihugu yari yamuhaye, yamushumbushije imuha isezerano rikomeye kandi yari ategereje igihe kirekire: "*Nzaguha urubyaro rungane n'umusenyi wo ku nyanja, kandi uzaba sekuruza w'amahanga menshi*" (itangiriro 13:14-18). Koko rero hari igihe umuntu asa n'uhombye nyamara yungutse bitangaje; hari n'uwibwira ko yungutse nyamara ahombye bitavugwa (il y a les gains qui sont des pertes et les pertes qui sont des gains). N'ubwo Loti yibwiye ko yungutse, koko yabonye amasambu n'inzuri ariko ahomba umuvandimwe wuzuye umwuka w'Imana. Umutungo wose yarundanyirije i Sodomu wakongowe n'umuriro ndetse umugore we n'abana barahagwa. Guhitamo kwibera inkokokazi, si ubugwari ahubwo ni ugutsinda igitego cy'ubuhanga.

## c. Umwami Yesu Kristo:

Ubwo yatoranyaga abigishwa be cumi na babiri ntibyari bimworoheye na busa. Dore nawe yari agiye gukorana n'abantu badahuje imico, bafite utugeso dutandukanye bakomoye mu miryango bavukiyemo no mu turere bakuriyemo. Kristo Yesu yihanganiraga buri wese kandi buri muntu akagira uburyo amutwara bitewe n'uko ateye. Uyu ni we wari warahanuwe n'umuhanuzi Yesaya ngo "*Ntazatongana, ntazasakuza, kandi ntazumvikanisha ijwi rye mu nzira. Urubingo rusadutse ntazaruvuna, kandi n'urumuli rucumba ntazaruzimya, ahubwo azazana gukiranuka by'ukuri*". Yesaya 42: 2-3.

**IKIBAZO:** Mbese abagereranywa n'urubingo rusadutse cyangwa urumuli rucumba ni bande? Mu bigishwa ba Yesu, harimo imigabane y'abantu itandukanye.

### Ba Kanyamahane (Agressifs)

Ba kanyamahane, ni abantu babaga biteguye kurwana igihe cyose wakomaga rutenderi gato gusa. Muri bo twavuga nka Yohana na mwene Se Yakobo abantu bari barahimbye "**bene nkuba**" kubera amahane yabo. Umunsi umwe bigeze gusaba Yesu uburenganzira bwo gutwika abaturage b'abasamalia babaziza ko babasabye icumbi bakaribima. Harya iyo umuntu akwimye icumbi usiga umutwikanye n'umuryango we?

Cyangwa ujya kurisaba ahandi? Yesu asubiza ba Rutwitsi yitonze ati: "*Naje gukiza abantu si nazanywe no kubica*"

Igihe cyarageze, imico ya bene nkuba izimirira mu ya Yesu maze basigara basa na we. Yohana wari mwene nkuba kubera igipfunsi n'umugeri bye, yashaje neza abantu baramuhaye izina rishya rya Yohana w'urukundo.

Nawe ushobora kubana na "Kanyamahane" mugasazana ndetse agasigara akurutira abantu bose beza uzi kuri iyi si.

**Ba Bavugirije (Intempestifs) :**

Niba hari umuntu wari igihubutsi ni Petero. Uyu mugabo wakoraga umwuga wo kuroba amafi atarahamagarwa yavugaga ibimujemo byose nta kurobanura. N'ubundi abahanga bavuga ko « umutima w'abapfapfa uba mu kanwa naho akanwa k'abanyabwenge kakaba mu mutima » (les sages ont la bouche dans le cœur, les fous le cœur dans la bouche). Bavugirije Petero, ku karimi yari intwali kurusha abandi ariko ku rugamba akaba ikigwali kurusha abandi. Turamwibuka yihandagaje yemeza Yesu ko amukunda kurusha abandi bose, ko no mu rupfu bazajyanayo.

Umukwe n'umugeni na bo mu muhango wo gufatanywa kwera bavugira imbere y'Imana n'imbere y'abantu amagambo akomeye kandi bazamuye ukuboko bagutunze mu ijuru bati

*« Njyewe .....................ndakujyanye wowe...........ngo umbere umugore w'isezerano, uzaba uwanjye, kandi nkomeze kubana na we, tumerewe neza cyangwa se tumerewe nabi. Tuzabana dutunze cyangwa se dukennye, tubyaye cyangwa tutabyaye. Nta wundi mugore nzaguharika, nzagukunda kandi ngukundwakaze, igihe cyose tuzaba tukiriho twembi nk'uko itegeko ry'Imana ribivuga. Ngusezeraniye kugukunda ».*

Umugeni nawe agahindukira akareba umusore akamufata mu kiganza ati : *« Njyewe...............nemeye ko wowe...........tujyana ngo umbere umugabo w'isezerano uzaba uwanjye kandi nkomeze kubana nawe, tumerewe neza cyangwa se tumerewe nabi. Tuzabana dutunze cyangwa se dukennye, tubyaye cyangwa tutabyaye. Nta wundi mugabo nzaguharika, nzagukunda kandi ngukundwakaze, igihe tuzaba tukiriho twembi nk'uko itegeko ry'Imana ribivuga. Ngusezeraniye kugukunda ».*

Mu bashakanye na bo harimo ba Bavugirije batubahiriza ibyo basezeranye nka Petero kuko mu gicuku urugamba rumaze gukomera, Petero yaje kwihakana shebuja avuga gatatu arahira ko uwo mugabo atamuzi ko nta n'aho yamubonye cyakora ntibizacira aho kuko Uwiteka avuga yeruye ati : *« yasuzuguye indahiro yica n'isezerano kandi yari yamanitse ukuboko kwe arahira, ariko arengaho arabikora byose ntabwo azarokoka ...».* (Ezekiel 18 : 18-19).

Nawe ubasha kubana na Bavugirije ukamumenyera kandi ukamugirira imbabazi kuko burya hari igihe ururimi rutagira icyo rupfana n'umuntu.

**Ba Mwemeragato (sceptiques) :**

Ibya Toma byo byari biteye agahinda cyane. Toma uyu yigeze guteza umuvurungano mu iteraniro ry'abigishwa ararisanza avuga ko Yesu adashobora kuzuka. Ngo yabyemezwa gusa n'uko amwiboneye n'amaso ye kandi na bwo akamusaba kureba inkovu mu biganza no mubirenge kuko abasirikari b'Abaroma babitoboye areba. Kristo ahuye nawe aramuhamagara ati : ngwino witegereze neza, Toma amaze kwitegereza aho hose n'inkovu y'icumu ryo mu rubavu, aravuga ati Ni we koko ! Yesu amwunganira yitonze ati: "Toma unyemejwe n'uko umbonye ariko: hahirwa abemera batabonye.

Nawe ushobora kubana n'umuntu utakwemera, uhora apfobya ibyo ukora. Jya wikomereza imirimo yawe uwo ntazagukerereze; kandi bene uwo ntukamwange kuko agutera inkunga atabizi kandi atabishaka : ameze nk'urwego uzamukiraho kuko uko ashyira ahagaragara ibibi byawe (défauts) ni ko ubimenya kandi ukabikosora. Jya uharanira gukora neza uyu munsi kuruta uko wakoze ejo hashize, uzagera kuri byinshi. Ikindi, umuntu nk'uwo, jya umwerera imbuto zihishije z'urukundo, amahoro no kwihangana. Igihe

kizagera aho yageze akwandarika aharenge agutangira ubuhamya nk'uko byagenze kuri Toma wagenze ibihugu byinshi ahamya Yesu kugeza ubwo aguye mu Buhinde ari we azira.

**Ba Yuda Iscariota.**

Hari igihe umuntu agira ibyago byo kubana n'umuntu wiba nka Yuda Iscariota. Icyaha gikomeye cya Yuda si ukugambanira Yesu ahubwo yari asanzwe ari n'igisambo cyihishe mu ntumwa. Uyu mutekamutwe yaje mu itsinda ry'intumwa nta we umuhamagaye (Luka 9 :57-58). Ubwo yakoraga umubare agasanga ari wẹ ufite amashuri menshi muri cumi na babiri, yakoze uko ashoboye yinjira mu itsinda ry'intumwa. Byatumye abagezemo nk'uwari warize ibigendanye n'ibaruramari hamwe n'icungamutungo agirirwa icyizere cyo gucunga umutungo w'intumwa.

Agitangira uwo murimo yatangiye gusahura umutungo w'intumwa karahava. Iyo bamusabaga gutanga raporo y'amafaranga babaga bahawe n'abagiraneza ngo yunganire umurimo, Yuda yerekanaga igice kimwe ikindi akagihisha. Yesu yabaga ayareba mu mifuka y'imyenda ariko akamugirira ibanga. Iyo yamwihereranaga amwigisha ngo yihane Yuda yabifataga nko gutotezwa cyangwa kwibasirwa. Irari ryo gukunda amafaranga ryakomeje kumwica ubwenge ageza n'aho yiba n'umwana w'Imana amugurisha ibice by'ifeza

mirongo itatu. Koko rero gukunda amafaranga ni umuzi w'ibibi byose (1 Timoteyo 6: 10). Interagahinda Yuda yapfuye yiyahuye aribwa n'imbwa ntiyanahambwa mu irimbi ryaguzwe ariya mafaranga.

***Icyitonderwa:*** N'ubwo bimeze bityo, umukristo ntabwo ari itapi abapagani bakandagiraho. Yemerewe guharanira uburenganzira bwe no gusaba ko amategeko y'igihugu amurenganura igihe akandamizwa kandi akavutswa uburenganzira bwe. Kwibera inkokokazi mu masake ni ukwihanganira intege nke z'umuntu ugambiriye kumwigisha kugira ngo ahinduke, agire ubumuntu.

# IGICE CYA 11

# *NI NDE URENGERA UMUPFAKAZI?*

*« Umugayo wo mu bupfakazi bwawe ntuzawibuka ukundi kuko umuremyi wawe ari We mugabo wawe » (Yeremiya 54 :4-5)*

## XI. NI NDE URENGERA UMUPFAKAZI ?

Burya iyo umugore apfushije umugabo, aba agize ingorane zikomeye. Aba agiye guhangana n'ubuzima budasanzwe kuko aba ahamagariwe gukomeza inshingano ze nk'umugore, umubyeyi w'urugo, n'iz'umugabo umutware w'urugo. Mu gihe yari amenyereye kuba afite hafi uwo abwira ibibazo, noneho ni we uba ugiye kujya abwirwa ibibazo byose by'umuryango. Mu rwego rwo kwerekana ingorane z'abapfakazi n'uburyo bakwiye kwitabwaho, Bibiliya itwereka ingero zinyuranye z'ubuzima abapfakazi banyuramo. Igishimishije kurutaho ni uko Bibiliya itabatwereka bari mu ngorane gusa, ahubwo inabatwereka batabawe n'ijuru mu buryo bukomeye. Dore zimwe mu ngero Bibiliya yerekana:

**a. Umupfakazi urizwa n'akana ke kapfuye**

Uyu mubyeyi wari utuye i Sarefati, yagize ibyago byo gupfusha umwana we azize indwara. Akiri muri ako gahinda, Imana yohereje umuhanuzi Eliya arasenga wa mwana arazuka, amusubiza nyina umunezero uba wose (1 Abami 17 : 17-24)

**b. Umupfakazi wasigiwe umwêendâ n'umugabo we**

Mu gitabo cya kabiri cy'Abami 4: 1-7, tubona igitekerezo kibabaje cy'umupfakazi wari warasigiwe n'umugabo we

umwenda munini cyane. Umwishyuza aje akabura ubwishyu, ntiyitaye ku bisobanuro yahawe ahubwo yahise afata utwana twe tubiri tw'uduhungu aratuboha ngo ajye kutugira imbata zizakora imirimo y'uburetwa kugeza ubwo uwo mwenda uzashiriramo.

Gutekereza byonyine ukuntu abana batakiraga nyina batazi icyo bari kuboherwa, bihita byerekana amarira umubyeyi wabo yari afite nyamara ari nta gisubizo afite. Mu kanya nk'ako guhumbya Imana yohereje umuhanuzi Elisa, yinjirana mu nzu n'uwo mubyeyi barasenga. Icyakurikiyeho nuko ijuru ryishyuye wa mwenda ryifashishije utuvuta twari mu nzu, ideni ryose ririshyurwa ndetse hasaguka ingunguru nyinshi z'amavuta abagize umuryango batangira kuyacuruza. Abari bahurujwe no gushungera dore ko bene abo batabura, ni bo babaye aba mbere mu gutora umurongo batanguranwa ayo mavuta yahendaga kandi bataherukaga. Batashye batanga ubuhamya bw'uburyo umupfakazi wa Yesu ari igikomangoma.

Uwiteka avuga yeruye ati "witinya *kuko utazakorwa n'isoni kandi wimwara kuko isoni zitazagukora; ahubwo uzibagirwa isoni zo mu buto bwawe, n'umugayo wo mubupfakazi wawe ntuzawibuka ukundi, kuko Umuremyi wawe ari we mugabo wawe; Uwera wa Isiraheli niwe mucunguzi wawe…* (Yesaya 54 : 4-9).

### c. Umupfakazi uri mu nkiko yabuze uwamurenganura

Muri Luka 18: 1-8, tuhabona umugani w'umupfakazi wagiye gusaba umucamanza kugirango amurenganure mu rubanza rwe, ariko wa mucamanza agahora amwirengagiza si rimwe si kabiri n'ubwo ibi bitabayeho ahubwo akaba ari umugani Yesu yaciye yerekana uburyo usenga akwiye gutitiriza ntarambirwe, burya umugani ungana akariho. Hari abapfakazi bashobora kurenganirizwa mu nkiko bazira gusuzugurwa no kutagira kivurira. Yesu Kristo nk'umugabo wabo ababazwa cyane n'imikorere nk'iyo kandi ntazabura guhana abaca urwa kibera birengagije ukuri.

### d. Abapfakazi b'i Yopa barizwaga n'urupfu rwa Tabita.

Tabita ari we Doroka yari umubyeyi wari utuye i Yopa witangiye gufasha abapfakazi. Uyu mubyeyi udasanzwe yari umunyabuntu bitangaje. Yari yaritangiye kumenya ibibazo by'abapfakazi akabafasha ndetse akaboha imyenda yo kubaha bo ubwabo n'imfubyi barera. Mu gihe gito Tabita yararwaye araremba maze arapfa. Abatuye i Yopa bose igikuba cyaracitse kuko abantu bibazaga niba hazaboneka undi muntu uzitangira abakene n'abapfakazi nk'uriya mubyeyi. Kubw'amarira y'abapfakazi bari bazanye amakanzu n'imyenda Tabita yababoheye, Petero yuzuye Umwuka Wera yarasenze ati : "Tabita haguruka". Uwari intumbi arambura amaso arabyuka aricara, amusubiza abapfakazi ari muzima (ibyakozwe 9 : 40 ) Burya rero, " *Imana ntizata umuntu w'intungane kandi ntizaramira inkozi z'ibibi*" (Yobu 8 : 21).

**e. Mbese umupfakazi ashobora kongera gushaka ?**

Isezerano ryo gufatanywa kwera, ni isezerano rihambira umugabo n'umugore mu buzima bwabo bwose. Urupfu rw'umwe mu bashakanye ni rwo rwonyine rubatandukanya rugatuma usigaye muri ubu buzima yemererwa kongera gushaka undi iyo abona ari byo bimunyuze (remariage). Ni muri ubwo buryo uwapfakaye wese yaba umugabo cyangwa umugore afite uburenganzira bwo gushaka undi bazashyingiranwa ntibimubere icyaha. Urugero tubona muri Bibiliya ni urw'Aburahamu wongeye gushaka undi mugore witwa "Ketura" ubwo Sara yapfaga (soma Itangiriro 24:67; 25:1). Umugore na we afite uburenganzira bwo kongera gushaka nk'uko umugabo na we abufite igihe uwo bashakanye wa mbere apfuye. Cyakora ni ikintu gisaba gutekerezwaho cyane no gushishoza bihagije, kuko umuntu ashobora gukunda umupfakazi ariko, ntakunde abana be. Hari n'ushobora gukunda ibintu by'umupfakazi ariko ntakunde nyirabyo. Ibi bituma umupfakazi wese wiyemeje kongera gushaka asabwa kubanza kwiga kuri ibi bibazo bikurikira:

- Kuvanga abana badahuje ba Se ;
- Kuvanga umutungo w'abana n'uwo bagiye kurwubakana bushya. Umupfakazi wese akeneye inama mvajuru kuko umuntu ashobora kwibwira ko ahunze ibibazo nyamara akibona yiroshye mu nyanja y'ibibazo atakwivanamo. Uko byamera kose ari umupfakazi uhitamo kutongera gushaka

ukundi ari n'uhitamo kongera gushaka bombi nta cyaha baba bakoze.

Kristo Yesu wabanye na nyina Mariya ari umupfakazi mu myaka ibihumbi bibiri ishize, asobanukiwe neza intimba z'abapfakazi bose bo ku isi. Uwari uhangayikishijwe n'imibereho ya nyina ubwo yari ku musaraba, ntazasinzira adasubije isengesho ry'umupfakazi umutabaza. Mu magambo umunani yavugiye ku musaraba, Kristo ntiyabuze guhumuriza nyina ubwo yavugaga ati: "Mubyeyi nguyu umwana wawe » kandi akabwira Yohana ati : « nguwo umubyeyi wawe ». (Yohana 19: 26-27). Mu kuvuga atyo, bisa n'aho Yesu yari asabye Yohana kuzajya amufashiriza Nyina nk'uko yamufashaga.

Abapfakazi bizera Yesu mu by'ukuri ntibari mu mubare w'abapfakazi. Bafite umugabo ndetse abagabo bose bo ku isi bapfukamira kandi baramya. Baruta kure abamikazi bo mu isi kuko Yesu Kristo umugabo wabo ari we wimika abo bami kandi akabakuraho. *"....Witinya rero kandi wimwara kuko udateze gukorwa n'isoni kuko umuremyi wawe ari we mugabo wawe; abawe bapfuye bazaba abazima kandi ubutaka buzajugunya abapfuye, intumbi z'abantu banjye zizazuka "* (Yesaya 54: 9; 26:19-21)

# IGICE CYA 12

# *UMURYANGO W' IJURU RITO*

*«Nimurakara ntimugakore icyaha, izuba ntirikarenge mukirakaye kandi ntimubererekere satani..... Mubwirane Zaburi n'ibihimbano by'Umwuka, muririmba mucurangira Umwami wacu mu mitima yanyu» (Abefeso4:26; 5: 19)*

## XII. UMURYANGO W'IJURU RITO

Mu gihe cy'abisirayeli "*igitambo cy'umwana w'intama umaze umwaka, mu gitondo na nimugoroba mu rusengero cyari igihe kidapfa cya buri munsi cyo gusenga Imana....Buri gitambo cyasuraga urupfu rwa Kristo umwana w'intama watambwe kuva isi ikiremwa. (Ibyahishuwe 13:8). Bakurikije uwo muhango, abakristo bafite urugero rwo gusenga mu gitondo na nimugoroba. Nubwo Imana itishimira iyo migenzo, idafite umwuka w'ukuri wo gusenga, Irebana amaso y'imbabazi abayikunda, bubika imitwe yabo mu gitondo na nimugoroba basaba imbabazi z'ibyaha bakoze, kandi bagasaba imigisha.*"**Abakurambere n'Abahanuzi, P.354.**

### A. Gahunda y'amasengesho ya nijoro

Gahunda ya nijoro y'amasengesho yo mu muryango ishobora gukorwa mu buryo bubiri bukurikira: **Gahunda isanzwe** na **Gahunda idasanzwe.**

i. **Gahunda isanzwe**: Muri gahunda isanzwe ni byiza ko amasengesho ya buri munsi mu muryango aba magufi, kandi ntagomba kurangwa n'ibintu bimwe. Ibi bituma abo mu muryango (cyane cyane abana) batayirambirwa ahubwo bagahora bayitegerezanyije amatsiko kuko ibahuriza

hamwe n'ababyeyi babo. Twibuke ko hari abashobora gukomeza gahunda zabo nyuma y'amasengesho.

ii. **Gahunda idasanzwe**: Gahunda idasanzwe ikurikizwa gusa igihe abo mu muryango bateranye bafite umwanya uhagije cyangwa hari abashyitsi baje kwifatanya na bo gusenga. Kuko nta kiba kibirukansa, ishobora kumara igihe bayigeneye.

**a. Ibibera muri gahunda isanzwe ya nijoro**

1. **Indirimbo itangira**: Akenshi iya mbere iba ihamagarira abo mu muryango guhagarika imirimo barimo kugira ngo bihutire kugera ahabigenewe basenge. Iyo bibaye ngombwa baririmba iya kabiri bose bahageze bari mu mwanya umwe wo kuramya.

2. **Gusenga**: Uyoboye gahunda ni we usenga cyangwa agatoranya usenga.

3. **Kwiga ijambo ry'Imana**: Abakristo benshi bo mu matorero anyuranye bafite ibitabo biga buri munsi bifasha umuryango gusobanukirwa na Bibiliya. Ibyo ni nk'**ibyigisho biyobora (abakuze, abasore, abana) kwiga Bibiliya mu ishuri ryo ku isabato** ku badventiste b'Umunsi wa Karindwi; **Umusomyi wa**

**Bibiliya,** ku baprotestanti, bakiga ingingo iteganijwe kuri uwo mùnsi.

Kù miryango itagira ibyo bitabo batoranya isomo ryo muri Bibiliya bakarisoma nyuma bakariganiraho. Bashobora no gutangirira mu gitabo cy'Itangiriro bakazarangiriza mu Byahishuwe bakaba barangije Bibiliya yose.

4. **Umwanya wo kubaza**: Iyo hari utasobanukiwe neza n'ibyizwe, abaza ikibazo abateranye bose hakagira umusubiza. Umuntu abasha no kunganira akagira icyo yongeraho ku byasubijwe. Uwigishije na we yagombye kubaza kugira ngo amenye ko icyigisho cyumvikanye.

5. **Indirimbo isoza**: Iyi ndirimbo akenshi na yo ubwayo iba ari isengesho riririmbye. Inshuro nyinshi amagambo agize iyo ndirimbo aba asaba Uwiteka kurinda abagize umuryango abajura, abicanyi, abarozi ba nijoro n'imyuka mibi y'abadayimoni itera abantu igihe bashyizweyo (basinziriye). Iyi ndirimbo ihamagara abamalayika bo mu ijuru ngo baze gukambika ku ngo z'abubahamana kandi koko bakaza: "Malayika w'Uwiteka abamba amahema yo kugota abamwubaha, akabakiza; arinda amagufka yabo yose nta na rimwe rivunika" (Zaburi 34:7,20)....

Mu ndirimbo zo kwiragiza Imana izi ndirimbo ntizikunda kubura mu miryango myinshi nk'iyitwa "**UNGUMANE KO BUGIYE KWIRA**" ya 29 mu gitabo cy'indirimbo zo guhimbaza Imana cy'abadventiste b'umunsi wa karindwi (kinyarwanda); cyangwa iyitwa "**MWAMI NGIYE GUSINZIRA NGWINO UNDINDE IRI JORO**" yo mugitabo cy'indirimbo zo gushimisha Imana cy'Amatorero y'Abaporotestanti.

6. **Gusenga bose bapfukamye**: Ni ikintu gihebuje kumenyereza abo mu muryango gupfukamira Imana Yehova. Ibyo bizatuma abana bakura basobanukiwe neza ukwiye gupfukamirwa uwo ari we kuko babibonana ababyeyi babo. Iyo ni inyandiko iba yiyanditse mu bwenge bwabo by'iteka ryose. Biba byiza iyo hari umusambi cyangwa umukeka wo gupfukamaho wabigenewe.

   **Icyitonderwa**: Gahunda z'amasengesho ntiziyoborwa n'umuntu umwe gusa, ahubwo abagize umuryango bose bagomba gufatanya, buri wese akibona muri iyo gahunda kandi akayigiramo uruhare. Uwo mu muryango utahiwe gusengerwa ashobora gutanga ibyifuzo bye by'umwihariko ngo bisengerwe.

**Ikibazo**: Mbese mu by'ukuri nyuma y'iyi gahunda abo mu muryango bashobora gutongana cyangwa bakarwana? Satani ni umupagani yabishobora ariko si kenshi.

**b. Ibibera muri gahunda idasanzwe ya nijoro**

Muri gahunda idasanzwe nta gihinduka ni nk'isanzwe ya buri joro gusa ibyiyongeraho ni ibi bikurikira:

1. **Gushima Imana**: haba igihe Imana igukorera igitangaza utashobora guceceka mu iteraniro ry'abasenga.

**Ingero**:

- **Umugabo ashobora kuvuga ati**: "Ndashima Imana yankijije impanuka. Ubwo nari ngiye kwambukiranya umuhanda imodoka yarimpitanye ariko Imana ikinga ukuboko. Ubu mba ndaye mu bitaro cyangwa napfuye Imana ishimwe kuko yankijije. Bose bati Amen.
- **Umugore nawe** ashobora kuvuga ati ndashima Umwami Yesu kuko ubwo nari mu gikoni amavuta yari agiye kuntwika Imana ikinga ukuboko ni duke twantarukiye ariko nta cyo nabaye, izina ry'Imana rihimbazwe. Bose bati: Amen.
- **Umwana wiga mu ishuli ryisumbuye cyangwa kaminuza** nawe ashobora kuvuga ati: nanjye ndashima Imana ubwo nari ndi gukorera ikizami kuri mudasobwa

(computer) ibyo nanditse byanshitse ndabibura nuko nsengera mu mutima, sinzi aho nakoze mbona biragarutse Imana ihimbazwe. Bose bati: Amen.

- **Umwana muto wiga mu ishuli ry'incuke cyangwa iribanza:** kuko yakomeje kumva ababyeyi be na bakuru be bashima nawe araterura agashima ati: Nanjye nda ....nda.....ndashima Umwami Imana ko mwarimu nako maîtresse ya .. ya ... muri wa mukoro yampaye "très bien" (T.B) kandi ngira icumi ku icumi, Imana ishimwe. Bose bati: Amen.

2. **Kwihana no kwaturirana ibyaha**: Ubusanzwe Umwuka Wera ntabasha kuza mu iteraniro ry'abantu badahuje kandi ntiyishimira guterana kuvanze n'ibyaha. Ni yo mpamvu gahunda yo kwatura icyaha wakoze cyangwa gusaba imbabazi uwo wacumuyeho ari ingenzi. Ni ibisanzwe ko izibana nta gihe zidakomanya amahembe; ni cyo gituma bidatangaje ko abantu babana bashobora gutongana cyangwa umwe akababaza undi mu buryo bumwe cyangwa mu bundi atabishakaga.

**Urugero**: Umwana abasha kwihana agira ati: "Mama yigeze kuntuma nari ndi gukina n'abandi bana maze ngenda nitotomba mvugira mu matamatama none musabye imbabazi si nzongera ambabarire n'Imana imbabarire nyina,

agafata ijambo ati: "Koko nabonye ugenda urakaye none ndakubabariye". Bose bati: Amen.

**Icyitonderwa:** Ntimukibagirwe gusengera abaturanyi banyu mu masengesho ya buri munsi. Bashobora kuba baragize ingorane yo kutamenya gusenga ni yo mpamvu mukwiye kubatambirira kugira ngo na bo babone kuri ibyo byiza muhabwa n'ijuru. Ni ukuri wabyemera utabyemera uwo muturanye uramushinzwe. Ushinzwe amahoro ye kandi ushinzwe n'umutekano we. Nabura biriya byombi nawe ntuzabibona kandi ikizamubaho uzakibazwa atari mu rwego rw'abategetsi bo kw'isi gusa ahubwo n'ijuru rizamukubaza.

3. **Guhamya:** Abantu benshi bitiranya gushima Imana no guhamya aribyo abenshi bita gutanga ubuhamya. Umuntu uhamya ni uvuga imbaraga ihindura ya Kristo ikorera mu bugingo bwe bityo agahamiriza abantu icyaha yakize cyangwa ingeso ya kamere yaretse kubw'amaraso ya Yesu.

**Ingero :**

- **Umugabo ashobora guhamya ati:** Murabizi ko nari umusinzi, akenshi najyaga ntaha ntongana cyangwa ndwana, none ubu Yesu yarankijije sinkinywa ibisindisha, nsigaye nezezwa no

gufatanya n'umuryango wanjye mu masengesho, ibyo ndabishimira Imana.

- **Umukozi wo mu rugo na we ashobora kuvuga ati:** Mu minsi yashize najyaga ngavura (kwiba amafaranga yasagutse ku byo wagiye guhaha), nkabeshya mabuja na databuja ibiciro, none Yesu yarabinkijije, ndashimira Imana ko n'iyo yaba ari atanu nyagarura.

**B. Gahunda y'amasengesho ya mu gitondo**

Iyo bukeye abo mu muryango bongera guhurira aho bari bateraniye ni ijoro bagashimira Imana ko yabarinze, iryo ijoro rigatandukana nta gikuba gicitse mu muryango. Iyi gahunda iba ikwiye kumara umwanya muto cyane kuko abo mu muryango baba basiganwa n'igihe: Hari ababa bitegura kujya kwiga, abajya ku kazi cyangwa mu y'indi mirimo yateguriwe uwo munsi. Abagize umuryango basaba Uwiteka umugisha no guhirwa mu mirimo bakora. Ahari wakwibaza uti mbese umwana muto ashobora kumenya gusenga? Wowe wibwira ko atabizi uzamuhe umwanya asenge wumve, azabwira Imana ati: "Mana ufashe Papa (Mama), maze nataha anzanire umugati" Amen!! Iryo sengesho Imana iryumva vuba kandi Ikarisubiza. Wa mubyeyi wasengewe n'umwana azahirwa mubyo azakora uwo munsi, azahaha aronke gusa ntazibagirwe kuzana

umugati umwana yisabiye Data wa twese wo mu ijuru maze ababyeyi bakabyungukiramo.

**C. Gahunda y'amasengesho ya ku manywa**

Muri rusange, ntabwo ku manywa abagize umuryango birirwana : hari ababyuka bajya ku kazi ka Leta, ak'amasosiyete cyangwa ibigo, hari n'abikorera ku giti cyabo. Hari ababyuka bajya ku ishuri, hari n'abasigara mu rugo. Ibi rero bituma buri wese n'aho yirirwa yitegurira gahunda yo kwihererana n'Imana ku giti cye mu rwego rwo kuganira na yo no kuyigezaho ibyifuzo by'umutima cyangwa ingorane afite zitakemurwa n'umuryango we.

Mu rwiherero ni ho umutima wa kamere uvuririrwa ; mu rwiherero ni ho ibibazo byananiranye bikemuririrwa ; mu rwiherero ni ho icyaha cyabaye ingeso gikirira ; mu rwiherero ni mu ruganda ruconga ingeso mbi ; mu rwiherero ni ho umwana w'ikirara yiyungira na Se, akamburwa ibishwambagara yari yambaye akambikwa umwambaro wera ari wo gukiranuka kwa Yesu. Amasengesho yo mu rwiherero agereranywa n'urwambariro rw'abera.

Danieli wasengaga gatatu ku munsi yahindutse ikirangirire n'inshuti y'Imana magara kubw'amasengesho ye yo mu rwiherero. None se muvandimwe, ujya uha agaciro

amasengesho yo mu rwiherero ? Ese nta bibazo ufite wabwira Imana ? Wibuke ko n'ubwo umuntu yaba agukunda ate atashobora gukemura ibibazo byawe. Hari igihe umusonga wawe utazamubuza kwisinzirira ndetse agone kandi wowe uburiri wabwujuje amarira ! Burya rero kuri iyi si nta muntu ugushinzwe kandi umubabaro wawe nta wundi ugera ku mutima nka Yesu Kristo wagupfiriye. Ntukishingikirize rero ku muntu uhumeka umwuka wo mu mazuru. (Yesaya 2 :22).

**Ibyo kwitondera**

Niba abo mu rugo bari gukurikirana gahunda idasanzwe kuri Radiyo cyangwa Televiziyo, nk'**ikinamico** cyangwa **umupira w'amaguru** si byiza kubihagarika ngo ubazane muri gahunda y'amasengesho ku gahato. Ibiri amambu ushobora guhindura isaha y'amasengesho agakorwa mbere cyangwa nyuma y'izo gahunda abana bakunda. Ibyo bizatuma Yesu ubabwira bakomeza kumukunda. Iyo bidashoboka (guhindura amasaha) uhitamo gutambirira umuryango wawe wenyine mu cyimbo cyabo kuruta kubajyana mu masengesho ameze nk'uburetwa. Imana ikunda umuntu uyisenga anezerewe kandi akabikora adahatwa. (Gutegeka kwa kabiri 30: 15-20).

Iyo mu muryango hari abashyamiranye ku manywa ndetse bakaba banarwanye, umuyobozi w'urugo aba abonye umwanya mwiza wo kuburanisha babandi bashyamiranye,

akababaza icyo bapfuye buri wese akisobanura nyuma akabakiranura yerekana uwari mu makosa. Uwo ashobora guhabwa igihano kirimo urukundo cyangwa se yahitamo gusaba imbabazi akazihabwa nyuma bakababarirana akabasengera bombi kandi akabihanangiriza kugirango ubutaha batazongera. Iyo gahunda yo guhuza abashyamiranye ku manywa isimbura gahunda y'amasengesho asanzwe. Babyeyi, nimwite k'uburenganzira bw'abana. Mugihe umubyeyi amenyereje abana be gusenga ku itegeko, abana bazabikora kubwo gutinya ibihano ariko nibatandukana n'umubyeyi wabo baziruhutsa nk'abavuye ku ngoyi. Ikizakurikiraho ni uko batazongera gukora ayo masengesho kuko bayafiteho urwibutso rubi. Uzaba waraberetse Yesu uko atari ibyo bitume bakora ibyaha ntarutangira kuko Satani azabemeza ko uwo ariwo mudendezo bari barabuze.

Ariko nibabikunda bakiri bato, nta handi bazabona amahoro keretse mu bihe by'amasengesho. Nibagera kure iyo mu mashuri, mu gihe cy'imyidagaduro nta handi bazabarizwa keretse muri za korali no mu matsinda y'abasenga yemewe n'ubuyobozi bw'ikigo. Bazaba abana batangirwa ubuhamya bwiza muri bagenzi babo no mu barimu.

## UMWANZURO

N'ubwo ibirushya, ingorane no gucika intege bitajya bibura mu miryango, buri wese mu bashakanye ntakwiye kugeza aho yicuza cyangwa se ngo atekereze ko yihenze igihe yatangaga isezerano ryo kubana na mugenzi we. Igihe ubona ko ibibera mu muryango wawe noneho bikurenze, uwo ni umwanya mwiza wo gukinga amadirishya y'ubugingo areba ku isi maze ukikingurira areba mu ijuru.

Muri uwo mwiherero w'amasengesho uzaba winjiye mu bihe bituje byo gutekerereza Imana ibyawe. Yesu Kristo azagusanga aguhumurize kandi ntabwo azaza amara masa, azaza akuzaniye "ambalaje" irimo impano kandi ubwo uzayifungura uzasangamo amahoro yo mu mutima, ibyishimo n'umunezero, umutuzo no kunyurwa. Uzamwenyura maze nawe umuhe agapfunyika karimo ibyaha, amaganya, agahinda, intimba n'andi moko y'ibibazo. N'ubwo uzaba umuhenze muri iryo gurana ntazahonga mu maso habe namba ahubwo azagushimira iyo mpano ( nziza kuri we) umuhaye.

Uzasohoka mu cyumba cy'amasengesho usize amavuta kandi amahoro uzaba ufite azaba asomeka mu maso hawe. Uwo mwashakanye utari ugikunda namba noneho uzarushaho kumukunda no kumugirira impuhwe ku bwo gusobanukirwa ko na we yaguzwe amaraso y'igiciro cyinshi atari uwo gutabwa, ahubwo akeneye kwihanganirwa. Ni mugerana mu ijuru rinini

ry'Imana, inyenyeri y'uwo mwashakanye izaba imurika cyane ku ikamba ryawe kurenza izindi.

## KURUSHYWA N'UBUSA

Dufite amazu manini ariko imiryango ikaba mito.
Dufite imihanda migari ariko impanuka zikaba nyinshi
Dufite ibinezeza byinshi ariko igihe cyo kubinezererwa
kikaba gito.
Diplômes ziriyongera ariko ubwenge bukaba bucye.
Turavuga cyane ariko urukundo rukaba ruke.
Twasukuye ahatuzengurutse ariko duhumanya imitima
kandi ariyo nsengero z'Umwuka Wera.
Iyo urebye ubona ubutunzi busa n'uburungurukira
mu madirishya ariko wagera imbere ntugire
icyo ubona mu bigega
Imiti ikomeye iriyongera ariko ubuzima bukaba ingume.
Tujya mu kwezi tukagaruka ariko ntidushobore
kwambukiranya umuharuro ngo dusure umuturanyi.
Usanga urugo ruhahirwa na babiri ariko abarurimo
ntibibabuze gushihana no kwahukana
Dupfusha ubusa byinshi tugatunga bike
Iyo urebye usanga iterambere rishobora kutugeza
kuri byinshi ariko hari ubwo watera umugeri umugisha.

*Iki gisigo nagihawe na Pasiteri RUGERINYANGE Amoni.*

*Mbese Uwiteka si We utuma abantu baruhira ubusa
n'amahanga agakorera ibizatwikwa n'umuriro?
Habak. 2: 13*

**Ndasaba inkunga y'ibitekerezo umuntu wese uzasoma iki gitabo**

**Kuri iyi aderesi:**

**NSABIHORAHO Zacharie**

**E-mail: nsabihoza@yahoo.fr**

**Tel : 0788869185**

## IBITABO BYA KORESHEJWE


1. Conseils sur la conduite sexuelle, l'adultère et le divorce
2. Education
3. Foyer Chrétien
4. Ibyigisho biyobora abakuze, kwiga Bibiliya , igihembwe cya 4, 1992
5. Inama zigirwa Itorero
6. Indongozi y'Itorero (SDA)
7. Indongozi y'Umukuru w'Itorero (SDA)
8. L'Offense, arme cachée de Satan
9. Le Leader Spirituel
10. Messages à la Jeunesse
11. Néhemie , ou l'Art de diriger
12. Patriarches et Prophètes
13. Rengera ubuzima II
14. Smart Listening for couple
15. Sonnez de la Trompette.
16. Votre Bible et Vous

*Biblia Yera, 1957

*Bibiliya Ijambo ry'Imana



**NSABIHORAHO Zacharie** yavukiye i Murambi mu Karere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba , mu mwaka w'1972.

Arangije amashuri abanza yakomereje ayisumbuye muri Koleji Nkunduburezi mu Karere k'Ubukonya, mu ishami ry'Amategeko n'Ubuyobozi (Droit et Administration) aho yakuye impamyabumenyi y'amashuri 6 (A2) mu w'1992.

Nyuma y'imyaka 8 akora mu by'uburezi no gufasha urubyiruko, yagiye gukomereza amashuri muri Kaminuza y'Abadiventisiti yo muri Afurika yo Hagati (UAAC - Mudende) aho yavanye impamyabumenyi ihanitse mu by'Iyobokamana (Bachelor in Theology, BTh) mu w'2005.

Mu mwaka 2008, yagiye gukomereza muri Kaminuza ya Andrews University (AU) yo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Michigan, Campus ya Spicer Memorial College yo mu gihugu cy'Ubuhinde aho yavanye impamyabumenyi yo mu rwego rwa Metrise mu by'Iyobokamana (Master of Arts in Religion, MA).

NSABIHORAHO Zacharie, niwe wanditse udutabo twitwa "IBIGANZA BISENGA" by'Umukristo uri ku mavi. Yashakanye na NYIRASAFALI Joselyne mu w'2004 bakaba bafitanye umwana umwe.

Ubu ni Pasiteri mw'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa 7 akaba ari Aumônier muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (NUR), n'Umuyobozi w'Urubyiruko rw'Abadiventisiti muri Association y'Amajyepfo y'u Rwanda (SRA).